# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-65 TARIKI 23-29 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU
Habonetse izindi robots zizafasha abanyeshuri mu Rwanda

4

AMAKURU
Kwibuka 32: Urubyiruko rwakajije ingamba zo guhangana n'abagoreka amateka ya Jenoside

5


UBUZIMA
Waterwa inda utagiye mu busambanyi? Minisitiri w'Ubuzima abaza urubyiruko

13

IMYIDAGADURO
Uko Igitaramo cya 'Summer Country Tour' i Bugesera cyagenze

22


# Igihugu nticyaba ingwate y'abashaka ko amateka aba uko bayashaka - Perezida Kagame



**Perezida Paul Kagame yashimangiye ko u Rwanda rutaba ingwate y'abashaka ko amateka aba uko bayashaka**

**NYIRANEZA Judith**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yavuze ko bitashoboka ko igihugu cyaba ingwate ku bantu bo bashaka kugira ngo amateka abe uko bayashaka, kuko u Rwanda rwaciye mu mateka ashaririye, akomeye kandi Abanyarwanda kuba barabohotse, baribohoye ibibaranga nta pfunwe biteye.***

Yabikomojeho ku wa Gatandatu tariki ya 27 Kamena 2026, mu nama nyunguranabitekerezo ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'Urugamba rwo kuyihagarika.

Umukuru w'Igihugu yagarutse ku kuba hari abantu bamwe badaha agaciro n'ubuhamya butangwa kandi haratanzwe umwanya wo gusobanukirwa amateka y'Igihugu neza, hagakomeza kubaho abinangira, bumva byagombye kumvikana nk'uko bo babishaka, bakirengagiza ukuri

Yagize ati: "Igihugu ntabwo cyaba ingwate ku bantu bo bashaka kugira ngo amateka abe uko bayashaka cyangwa uko bashaka kuyumva bitari uko akwiye kuba ari. Izo mpaka zose zikabona umwanya zikaba, ubushakashatsi, ibintu byinshi bigamije gushakisha ukuri bikaba kandi bikwiye umwanya uhagije, kandi imyaka tumaze uwo mwanya warabonetse kandi waratanzwe keretse kuba twawukoresha nabi."

Perezida Kagame yagaragaje ko uburemere bw'amateka u Rwanda rwaciyemo aremereye ariko abantu bakwiye kuyakuramo amasomo ngo hubakwe Igihugu bundi bushya.

Ati: "Ibiganiro biganisha ku mateka yacu, amateka akomeye mu by'ukuri akubiyemo byinshi abantu bagomba kwibuka, bagomba guheraho bubaka Igihugu bundi bushya ngo kibe uko Abanyarwanda bagishaka harimo ndetse n'ibyo abantu bamwe baba badashaka no kwibuka kandi birumvikana, ariko ni ngombwa ko abantu bihangana, bakagerageza kwibuka kuko bivamo amasomo menshi."

Yavuze ko binagoye ko abantu bakumva amateka kimwe, akenshi bitewe n'impamvu zitandukanye nk'uruhare umuntu yaba yaragizemo.

KOMEZA KU RUP.3

# Mu myaka 8 Akarere ka Bugesera kashowemo Tiriyali 2,4 Frw

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ubuyobozi bw'Urwego rw'Iterambere mu Rwanda (RDB) bushimangira ko mu myaka umunani ishize Akarere ka Bugesera kanditse imishinga y'ishoramari isaga 330 ifite agaciro ka miliyari 1,7 z'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga Tiriyari zisaga 2,4 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Ubwo yagezaga ijambo ku bitabiriye Inama yiga ku Ishoramari mu Karere ka Bugesera ku wa Gatanu tariki ya 26 Kamena 2026, Umuyobozi wungirije wa RDB Juliana Kangeli Muganza, yahishuye ko iryo shoramari ryanditswe mu Karere ka Bugesera ryahanze imirimo isaga 20 000.

Yavuze ko mu gihe Umujyi wa Kigali ukomeje kwaguka, Akarere ka Bugesera ari ko gakomeje kwigaragaza nk'akahise kagendera ku muvunduko ukenewe ngo ibikorwa by'iterambere byiganze no mu yindi mijyi. Akomeza yemeza ko mu mezi make ya mbere y'umwaka wa 2026, handitswe imishinga y'ishoramari 41 ifite agaciro ka miliyoni 27 z'amadolari ya Amerika, yitezweho guhanga imirimo 1 600.

Yagize ati: "Icyizere dufitiye Bugesera ntikigishingiye gusa ku magambo, ubu kiragaragarira no mu iterambere rifatika. Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali kirimo kubakwa i Bugesera, gifite ubushobozi bwo kwakira abagenzi basaga miliyoni umunani na toni zirenga 150 000 z'imizigo buri mwaka, kizafasha u Rwanda kwakira ibigo byinshi bitwara abagenzi mu ndege, cyagure ibyerekezo ku masoko mpuzamahanga ndetse gifashe urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu."

KOMEZA KU RUP.3

# Mu Rwanda abangavu 60 baterwa inda buri munsi

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ubuzima, Dr Nsanzimana Sabin, yatangaje ko ikibazo cy'inda ziterwa abangavu gikomeje gufata indi ntera, agaragaza ko imibare y'abaziterwa ikiri hejuru, aho ku mwaka abarenga ibihumbi 23 baterwa inda, bingana n'abagera kuri 60 ku munsi.***

Yabitangaje ku wa Gatanu tariki ya 26 Kamena 2026, mu biganiro by'Ihuriro ry'Urubyiruko byitabiriwe na Madamu Jeannette Kagame, byibanze ku gukumira no kurandura inda ziterwa abangavu, byateguwe na Imbuto Foundation.

Dr Nsanzimana yavuze ko nubwo imibare ya buri mwaka ishobora kutagaragara neza ku bantu benshi, iyo ishyizwe ku rugero rw'umunsi usanga ari ikibazo gikomeye cyane. Yagize ati: "Abana b'abakobwa baterwa inda buri mwaka abarenga ibihumbi 23. Ushobora kumva uwo mubare ari munini, ariko reka mbivuge mu buryo bworoshye: buri munsi ni abana bagera kuri 60."

Yagaragaje kandi ko ikibazo cyiyongereye mu myaka yashize, aho igipimo cy'abangavu baterwa inda cyavuye kuri 5% mu 2020 kigera kuri 8% mu 2025.

Minisitiri Dr. Nsanzimana yavuze ko abangavu baterwa inda bahura n'ingaruka zitandukanye zirimo guhagarika amashuri, ihungabana n'ibibazo by'imibereho, ashimangira ko atari ikibazo gikwiye guharirwa umwana wagitewe wenyine.

Yagize ati: "Iyo umwana atewe inda, akenshi ava mu ishuri kandi akagira ibibazo byinshi. Ni ikibazo kidakwiye guharirwa uwo mwana wenyine, ahubwo ababyeyi, abarimu n'umuryango mugari bagomba kugira uruhare mu kugikumira no gufasha abakiguyemo."

Yasabye ababyeyi n'abarezi kudaterera abangavu batewe inda, ahubwo bakababa hafi kugira ngo babashe gukomeza ubuzima no kugera ku ntego zabo.

Dr. Nsanzimana yanagarutse ku ngaruka z'ubuzima ziterwa no kubyara imburagihe, avuga ko abakobwa babyara batarageza ku myaka 19 ari bo baba bafite ibyago byinshi byo guhura n'ibibazo bikomeye mu gihe cyo kubyara.

Yagize ati: "Ubuzima bwa wa mwana w'umukobwa avuye mu buzima bw'abamufashaga, kwa muganga ni bo bagira ibyago byinshi byo gupfa babyara, kuko umubiri wabo uko uteye uba utarakura ngo witegure, aho umwana akurira n'aho avukira biba bitaritegura bikwiriye."

Yakomeje avuga ko n'abana bavuka ku babyeyi babyaye bakiri abangavu na bo baba bafite ibyago byinshi byo kuvuka igihe kitageze, ibiro bike cyangwa guhura n'ibindi bibazo by'ubuzima. Yagize ati: "Abana babo ni bo baza ku mwanya wa mbere mu kugira ibyago kuba bavuka batagejeje igihe, kimwe cya gatatu cy'abana bakomoka ku bana babyaye bataruzuza imyaka 19."

Minisitiri w'Ubuzima yibukije ko inda ziterwa abangavu atari ikibazo cy'umuntu ku giti cye cyangwa cy'umuryango gusa, ahubwo ari ikibazo kigira ingaruka ku iterambere ry'Igihugu muri rusange, asaba ko inzego zose zifatanya mu gukumira no kurandura iki kibazo.

Imibare y'ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC) igaragaza ko ikibazo cy'inda ziterwa abangavu gikomeje kuba ingorabahizi. Mu 2020 habaruwe abangavu 19 701 batewe inda, umubare uzamuka ugera kuri 23 111 mu 2021, wongera kugera kuri 24 472 mu 2022.

Nubwo mu 2023 habonetse igabanyuka rito, aho habaruwe 22 055 batewe inda, uwo mubare uracyakomeje kugaragaza uburemere bw'iki kibazo n'ingaruka kigira ku burezi, ubuzima n'iterambere ry'abana b'abakobwa ndetse n'Igihugu muri rusange.

Inzego z'ubuzima mu Rwanda zigaragaza ko abangavu babyara cyangwa batwita bakiri bato bakunze guhura n'ingaruka zirimo kuva mu ishuri, ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe, ubukene ndetse n'ibibazo by'ubuzima mu gihe cyo kubyara.

Ni yo mpamvu Guverinoma n'abafatanyabikorwa bakomeje gushimangira ubufatanye bw'ababyeyi, amashuri, inzego z'ibanze n'urubyiruko mu gukumira inda ziterwa abangavu no kurengera ejo hazaza h'abana b'abakobwa.




**Minisitiri w'Ubuzima, Dr Nsanzimana Sabin yavuze ko mu Rwanda buri munsi abana 60 baterwa inda**

---

# Impamvu umusaruro w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro wazamutseho 20%

NIYIRORA Theogene

***Urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri mu Rwanda rwagaragaje kuzahuka gukomeye mu gihembwe cya mbere cya 2026, aho rwazamutseho 20%, nyuma y'uko mu gihe nk'icyo cya 2025 rwari rwaragabanyutseho 1%.***

Iyo ntambwe yatewe ahanini n'izamuka ry'ibikenerwa ku isoko mpuzamahanga n'ibiciro by'amabuye y'agaciro arimo zahabu, lithium na 3Ts (Tin, Tantalum na Tungsten), akoreshwa cyane mu gukora batiri z'imodoka zikoresha amashanyarazi, ibikoresho by'ingufu zisubira ndetse n'ibikoresho by'ikoranabuhanga.

Ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gazi mu Rwanda (RMB) kivuga ko izamuka ry'ibiciro by'ayo mabuye ku rwego mpuzamahanga ari ryo ryagize uruhare runini mu kuzamura umusaruro w'uru rwego.

Mu butumwa yahaye the New Times, RMB yagize iti: "Izamuka rya 20% mu rwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri rishingiye ahanini ku isoko mpuzamahanga ryagutse ndetse n'ibiciro byiyongereye ku mabuye y'agaciro nka zahabu, lithium, 3Ts, hamwe na Koluta (Coltan) na Wolfram."

Mu gihembwe cya mbere cya 2026 kandi, ibyoherezwa mu mahanga byikubye hafi kabiri ugereranyije n'igihe nk'icyo mu mwaka ushize, bitewe n'uko ibikenerwa n'ibiciro ku isoko mpuzamahanga byakomeje kwiyongera.

Perezida w'Ishyirahamwe ry'Abakora Ubucukuzi bw'Amabuye y'Agaciro mu Rwanda (Rwanda Mining Association), Innocent Kagenga, yavuze ko ibiciro bya Tungsten (Wolfram) byazamutse cyane mu mwaka ushize, ibya Tantalum (Coltan) bikikuba hafi gatatu, mu gihe ibya Tin (Cassiterite) byikubye hafi kabiri.

Yasobanuye ko iyo ibiciro bizamutse ku rugero nk'urwo, abacukuzi bongera umusaruro, bagashora amafaranga menshi mu bikoresho no kongera abakozi.

Kagenga yavuze kandi ko impinduka zakozwe mu rwego rw'ubucukuzi, zirimo gutanga impushya nshya z'ubucukuzi no kwimakaza ikoreshwa ry'ikoranabuhanga, zafashije kuva ku bucukuzi bwa gakondo bakajya ku bucukuzi bugezweho, bituma amabuye acukurwa kandi agatunganywa neza kurushaho.

Yongeyeho ko mu myaka ya vuba mu Rwanda havumbuwe andi mabuye y'agaciro arimo Beryl na Lithium, akomeje gukenerwa cyane ku isoko mpuzamahanga kubera gukoreshwa mu ikorwa rya batiri n'ikoranabuhanga ry'ingufu zitangiza ibidukikije.

Abakora muri uru rwego bavuga ko izamuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga ryahaye u Rwanda amahirwe yo kurushaho kwagura umusaruro, gukurura ishoramari no gukomeza kugira uruhare rukomeye mu isoko mpuzamahanga ry'amabuye y'agaciro.



**Mu Rwanda hagenda havumburwa amabuye y'agaciro mashya**

# Igihugu nticyaba ingwate y'abashaka ko amateka aba uko bayashaka - Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

Ati: "Amateka rero kuyumva kimwe biragoye, amateka y'Igihugu nk'icyacu n'ibyo twanyuzemo, harimo byinshi abantu ndetse bahindura bikaba uko bitari biri cyangwa bikwiriye kuba. Bibamo impaka nyinshi birumvikana bifite ishingiro uko umuntu yumvise bimwe si ko undi abyumva bitewe n'uruhare abantu baba barabigizemo cyangwa babifitemo, bitewe n'inyungu biba byarahereyeho wenda mbere, niyo byaza kugaragara nyuma ko mu by'ukuri izo zitari inyungu zikwiriye gutuma abantu bakora ibintu bimwe mu mateka."

Perezida Kagame yagarutse ku kuba hari abemera uruhare rwabo n'abandi baba bashaka guhishira ukuri, ariko ko ishingiro ari ukubirenga abantu bagakuramo amasomo aganisha ku kuri.

Ati: "Haba harimo byinshi, ipfunwe, aho abantu bisanze, uruhare bagize cyangwa bagiranye isano narwo bakumva badashaka kubisubiramo na byo bifite ishingiro, ariko igifite ishingiro kurusha ni ukugerageza kubirenga abantu bagashakisha uko twagenda twegeranya ibintu bikavamo ukuri twashingiraho dukora ibindi.

Hari nk'ukuri ubundi kutasubirwaho kubera ibimenyetso cyangwa se harimo n'ibyo bimenyetso, abantu bamwe biyemerera bati ibi ni byo, ibivugwa ni byo, ibyo navuzweho ni byo, Nyir'ubwite iyo akubwiye atyo izindi mpaka ziba iz'iki aho kugira ngo uvane isomo ahongano noneho iryo somo ridufashe kugera ku bindi twifuza…. benshi barinangira kubera impamvu navuze."



**Perezida Paul Kagame yibukije abitabiriye inama ya Unity Club ko amateka atagenwa uko abantu babyishakiye**

Umukuru w'Igihugu yagarutse ku buryo burambuye kuri zimwe mu mpamvu zituma hari ababa bahisha ukuri.

Ati: "Nk'abantu turi abantu abantu bagira ibibazo, mu mico, turabizi agira uko avuga muri we mu mutima ati, akareba uwo bavuga ufite ikibazo, ibintu bibi byahereyeho kuko ari uwe, ari umuvandimwe, ari inshuti nubwo yaba na we afite ibimenyetso ubwe, nk'umuntu kenshi ashakisha uko yarengera wa muntu cya cyaha ntikimufate agashaka no kubwira abandi ko atari cyo.

Ndetse hari nubikora kubera ko icyo cyaha nikemerwa n'iyo byaba biturutse ku buhamya bifite ukuntu kizazenguruka na we kikagira uko kimugeraho, abikumira hakiri kare."

Perezida Kagame yavuze ko icyo Abanyarwanda baharanira ari ukwibohora nyakuri, amateka akwiye kuvugwa uko ari nta guca iruhande, byaba na ngombwa umuntu akaba yabizira.

Ati: "Mu Rwanda rwacu n'amateka yacu icyo tuvuga ni ukuvuga ngo twagize amateka mabi, mabi pe! Mabi nta kubinyura iruhande, ariko se ni byo dukwiriye, ni byo Abanyarwanda bashakaga, niba n'ab' icyo gihe ari ko bashakaga twe ubungubu dufite inshingano yo kuvuga ngo oya, amateka ni ayacu ariko si ko twari dukwiriye kuba tumeze, si ko twari dukwiriye kuba twarabaye ni nacyo kwibihora bivuze. Ibyo ni byo twaberaho, ni na byo twapfira biramutse ari ngombwa."

# Mu myaka 8 Akarere ka Bugesera kashowemo Tiriyali 2,4 Frw

IBIKURIKIRA URUP.1

Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali kirimo kubakwa i Bugesera ni ryo shoramari rinini kurusha irindi riri kubakwa muri Bugesera, rikaba riteganyijwe kuba Ihuriro ry'ingendo zo mu kirere n'ubwikorezi bw'imizigo mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba, rikazakurura ishoramari mu mahoteli, ubwikorezi, ubucuruzi n'imiturire.

Irindi shoramari ry'ingenzi ryahawe ikaze muri Bugesera ni Icyanya cyihariye cyahariwe Inganda cya Bugesera (Bugesera Special Economic Zone/ BSEZ) cyubatswe kuri hagitari zisaga 330. Ni icyanya cyihariye cyibanda ku nganda zitunganya umusaruro w'ubuhinzi, imiti, ibikoresho byo gupfunyika, iby'isuku n'izindi nganda zongerera agaciro ibikorerwa mu Rwanda. Uyu mushinga uri gutezwa imbere ku bufatanye bwa Leta y'u Rwanda n'Ikigo Nyafurika gitunganya ibyanya by'inganda (ARISE IIP).

Iryo shoramari rinajyana no kubaka ibikorwa remezo bifasha ishoramari nko kubaka no kuvugurura imihanda ijya ku kibuga cy'indege, kwagura amashanyarazi, amazi n'ibikorwa remezo by'itumanaho, kunoza imiturire n'ibigo by'ubucuruzi bikikije ikibuga cy'indege n'agace k'inganda.

Mu Karere ka Bugesera kandi hakomeza gushyirwa imbaraga mu buhinzi bugezweho no kuhira imyaka, ubworozi n'ibindi bikorwa bijyanye no guhangana n'amapfa, hagamijwe kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi no guteza imbere inganda zibishingiyeho.

Muganza yavuze ko umushinga w'Ikibuga cy'Indege ari wo uyoboye kandi ugamije guteza imbere umujyi uhuza ibikorwa bitandukanye aho ibikorwa byuzuzanya bigahanga amahirwe anyuranye y'ishoramari. Ati: "Muri ibyo bikorwa harimo umushinga wo kubaka Inyubako yakira inama n'amamurikabikorwa mpuzamahanga yakira abashyitsi bagera ku 5 500, inyubako zakira siporo n'imyidagaduro bibereye kwakira amarushanwa n'ibitaramo by'akarere na mpuzamahanga, hamwe n'amahirwe y'ishoramari mu mahoteli, ubucuruzi resitora ndetse na serivisi zo kwakira abantu."

Yavuze ko n'amahirwe ari mu buhinzi no gutwara imizigo akomeje kwiyongera muri Bugesera, bikaba biri mu bizafasha gukoresha ubushobozi bwo kwakira imizigo ku kibuga cy'indege buteganywa ko kizaba cyaratangiye gukora bitarenze mu 2030.

Nanone kandi mu birebana no kubika umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, i Bugesera hari amahirwe yo kubaka ibyumba bikonjesha umusaruro utegereje kugezwa ku masoko mpuzamahanga.



**RDB ishimangira ko mu myaka umunani ishize Akarere ka Bugesera kanditse imishinga ifite agaciro ka Tiriyari zisaga 2,4 Frw**

Muri kano Karere, hegitari zisaga 2 000 ziri ahantu zishobora kuhirwa byoroshye zitanga amahirwe atangaje mu buhinzi bw'imboga n'imbuto, inganda zongerera agaciro umusaruro n'izitunganya ibiryo by'amatungo.

Akarere ka Bugesera kitezweho kuzaba igicumbi cy'ubwikorezi, ubucuruzi n'ishoramari, ubukerarugendo n'ibindi

Ku birebana n'inganda, Akarere ka Bugesera kamaze kunguka inganda 69 kandi hakomeje gushakwa ishoramari ryisumbuye mu gukora inganda zongerera agaciro umusaruro w'ubuhinzi, ubworozi bwa kijyambere bw'inkoko n'inganda zitunganya umusaruro wazo, ubworozi bw'amafi no kuyatunganya, n'ibindi.

Umuyobozi w'Akarere ka Bugesera Richard Mutabazi, na we yahamije ko kuba Bugesera iherereye hagati y'Intara y'Iburasirazuba, Amajyepfo n'Umujyi wa Kigali ari andi mahirwe yiyongera ku yandi mu bijyanye no gukurura ishoramari mu nzego zinyuranye.

Umuyobozi w'Urugaga rw'Abikorera (PSF) mu Ntara y'Iburasirazuba, Laurien Benedata, yagarutse ku bikorwa by'iterambere biri mu Karere ka Bugesera, ashima by'umwihariko umuhanda wubatswe uhuza Bugesera n'Akarere ka Ngoma ugakomereza no mu Majyepfo. Nanone kandi umuhanda uhuza Kigali na Bugesera waraguwe, hakaba hakomeje kubakwa no gusana imihanda yo mu byaro yorohereza abaturage kugeza umusaruro wabo ku masoko.

# U Rwanda ni icyitegererezo ku bihugu bikeneye iterambere - Amb Nduhungirehe



**U Rwanda rwakiriye inama yigaga ku bufatanye mu iterambere ry'ibihugu biri mu nzira y'iterambere**

**ZIGAMA** Theoneste

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yagaragaje ko u Rwanda ari icyitegererezo ku bihugu biri mu nzira y'iterambere, ashimangira ko urugendo rw'iterambere rwarwo rushingiye ku kwigira, imiyoborere myiza no kubaka ubufatanye bufite ireme n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga.***

Ibi yabigarutseho ku wa Mbere tariki ya 22 Kamena 2026, mu Nama Mpuzamahanga y'iminsi ibiri yiga ku bufatanye bw'Ibihugu biri mu nzira y'amajyambere n'Imiryango Mpuzamahanga (South-South and Triangular Cooperation), iri kubera i Kigali, igamije kurebera hamwe uko ibihugu byarushaho gusangira ubunararibonye n'ibisubizo byafasha abaturage babyo mu iterambere rirambye.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda rutitabiriye iyi nama nk'Igihugu gitanga ibitekerezo gusa, ahubwo nk'igihugu cyanyuze mu rugendo rukomeye gifite ibyo cyagezeho gifatika. Yagize ati: "U Rwanda ntirwitabiriye ibi biganiro nk'abagira icyo bavuga gusa, ahubwo nk'umutangabuhamya w'ibifatika. Mu myaka 30 ishize, igihugu cyacu cyahuye n'ibibazo benshi babona nk'ibidashoboka kongera kubona cyiyubaka."

Yongeyeho ko uyu munsi u Rwanda rugaragara ku rwego mpuzamahanga nk'igihugu cyateye intambwe ikomeye mu miyoborere n'ishoramari rishingiye ku ikoranabuhanga mu gutanga serivisi za Leta. Yagize ati: "Uyu munsi u Rwanda rugaragazwa ku rwego mpuzamahanga nk'indashyikirwa mu mavugurura y'imiyoborere ndetse n'ishoramari rishingiye ku ikoranabuhanga mu serivisi za Leta, ubwisungane mu kwivuza bushingiye ku muturage no kwishakamo ibisubizo binyuze mu nkingi zirimo Umuganda, Imihigo na gahunda ya Grinch."

Minisitiri Nduhungirehe yasobanuye ko u Rwanda rwasobanukiwe ko iterambere ridashoboka mu gihe hatabayeho ubufatanye, agaragaza ko urugendo rw'iterambere rwarwo rwubakiye ku bufatanye bw'ibihugu byo mu Majyepfo y'Isi n'abandi bafatanyabikorwa mpuzamahanga. Yagize ati: "Twamenye ko ntawigira, kandi ko urugendo rw'iterambere rwacu n'abandi rushobora kugerwaho binyuze mu bufatanye bw'ibihugu byo mu Majyepfo y'Isi ndetse n'abandi bafatanyabikorwa."

Yasobanuye ko ubu bufatanye buzwi nka South-South and Triangular Cooperation bushingiye ku gusangira ubunararibonye hagati y'ibihugu, aho ibikiri mu nzira y'iterambere byigira ku byamaze gutera imbere, bikarushaho kuzamurana.

Minisitiri Nduhungirehe yasabye ko ibihugu biri mu nzira y'iterambere byarushaho gushyira imbere ubufatanye bufite intego, bushingiye ku kwigira no gusangira ibisubizo bifatika, kugira ngo iterambere ryihutishwe kandi rigere ku baturage bose.

Ubuyobozi bw'Ikigo gishinzwe kumenyekanisha udushya n'ibisubizo u Rwanda rwishatsemo (RCI) bwagaragaje ko ubufatanye bw'ibihugu bugomba kurushaho gushingira ku gusangira ubunararibonye hifashishijwe ikoranabuhanga rigezweho no gushishikariza ibihugu kwishakamo ibisubizo.

Iki kigo kandi cyagaragaje ko u Rwanda rukomeje kuba igihugu cy'intangarugero mu gusangira ubumenyi, aho kivuga ko kuva mu 2018 rwakiriye abashyitsi 7 662 baturutse mu bihugu 70 byo hirya no hino ku Isi, baje kwigira ku buryo rwubatse inzego n'ibisubizo byarwo.

# Habonetse izindi robots zizafasha abanyeshuri mu Rwanda



**Abanyeshuri batangiye kwifashisha robot mu myigire**

**KAMALIZA** Agnes

***Mu gihe Isi ikataje mu ikoranabuhanga mu ngeri zitandukanye aho robots, (imashini zikora imwe mu mirimo ikorwa n'abantu) ziri kugira uruhare mu mirimo itandukanye; u Rwanda na rwo rwiyemeje gukataza muri urwo rugendo aho zatangiye gukoreshwa mu burezi, ndetse hari urubyiruko rwiyemeje gutanga umusanzu rukora izunganira izisanzwe.***

Ni muri urwo rwego Minisiteri y'Uburezi, (MINEDUC) ku bufatanye na Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT) bashyizeho gahunda ya 'National Robotics Program' igamije kwimakaza imikoreshereze ya za robot n'ikoranabuhanga mu mashuri y'u Rwanda, haba mu y'abanza n'ayisumbuye.

Ibyo byatumye bamwe mu rubyiruko rw'abikorera bishakamo ibisubizo byafasha uburezi bw'u Rwanda batangira guhanga robots, hagamijwe kwagura imikoreshereze yazo mu bigo by'amashuri no gutuma iyo gahunda yungukira abanyeshuri.

Gahungu Lambet ufite kigo cy'Ubucuruzi kibanda ku ikoranabuhanga, Tajyire Group, avuga ko nyuma yo kubona ko robots zikenewe bakoze izishobora kwifashishwa nk'imfashanyigisho mu mashuri abanza n'ayisumbuye.

Ubwo hamurikwaga izo robots ku wa 25 Kamena 2026; Gahungu yagize ati: "Twashoboye gukora robots zishobora gukoreshwa nk'imfashanyigisho mu mashuri abanza n'ayisumbuye kandi turashaka ko vuba zizakoreshwa no muri Kaminuza. Ni ikintu kizafasha abanyeshuri benshi kandi twazikoze tugendeye ku mbogamizi abanyeshuri bahura na zo zo kwiga ariko bakabura uko bashyira mu bikorwa ibyo bize."

MINICT ishimangira ko u Rwanda rukomeje gushora imari mu ikoranabuhanga no guteza imbere udushya hagamijwe ko robots n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bikomeza kugira uruhare mu kuzamura ireme rya serivisi no guteza imbere ubukungu bushingiye ku bumenyi.

Umukozi muri MINICT ukora mu by'ikoranabuhanga, Mpundu Ernest avuga ko gukoresha robots bigomba kwakirwa kuko u Rwanda rwabyiyemeje nka kimwe mu bisubizo bihangana n'ibibazo bihari.

Ati: "Gukoresha robot ni ibintu bigaragara ko Ibihugu bigomba kubyakira kandi u Rwanda na rwo rwiyemeje kubikora; hari porogaramu u Rwanda rwihaye mu mashuri nubwo bitaragera hose kugira ngo abanyeshuri bagira ubwo bumenyi bakiri bato ariko turashimira n'abikorera babishyigikira."

Ikigo cy'Igihugu cy'Imyuga n'Ubumenyingiro (RTB) kigaragaza ko kuba ikoranabuhanga riri gukoreshwa no mu mashuri nk'ayo bishimangira agaciro ko kwiga imyuga na tekiniki n'andi masomo nka siyansi asaba gushyira mu bikorwa.

Umuyobozi w'Ishami ry'Ikoranabuhanga muri RTB, Mutijima Emmanuel Asher agira ati: "Iyo ubonye abantu bafite aho abiga ibya tekiniki bakanabishyira mu bikorwa; bakoresheje robots n'ubundi buryo bw'ikoranabuhanga byerekana ko imyuga ishoboka kandi itanga amahirwe ku bantu benshi."


Minisiteri y'Uburezi igaragaza ko robots zikoreshejwe mu myigishirize byoroha kwigisha amasomo ya siyansi, ikoranabuhanga n'imibare [STEM] n'ayandi kuko bifasha kuzamura ubushobozi bwo gutekereza mu bwisanzure no guhanga ibishya.

U Rwanda rusanzwe rukoresha robot mu rwego rw'ubuzima n'ubushakashatsi ndetse hirya no hino ku Isi zikoreshwa mu nganda, ubuvuzi, ubuhinzi, ubwikorezi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, mu bikorwa byo gutanga serivise n'ibindi.

# Kwibuka 32: Urubyiruko rwakajije ingamba zo guhangana n'abagoreka amateka ya Jenoside

**ZIGAMA** Theoneste

***Urubyiruko rwibumbiye mu itsinda 'The Winners Team Inkotanyi Cyane' rugizwe n'abakoresha imbuga nkoranyambaga kenshi rwatangaje ko rugiye kuzikoresha birushijeho ruhangana n'abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyane cyane abari mu mahanga.***



**'Winners Team Inkotanyi Cyane' mu rugamba rwo guhangana n'abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Babigarutseho ku Cyumweru tariki ya 28 Kamena 2026, nyuma yo gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, aho basobanuriwe amateka y'ibikorwa bya Leta yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Nyuma y'urugendo rwo kwibuka, bashyize indabo ku mva rusange zishyinguyemo abarenga ibihumbi 250 bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, baranabunamira.

Abagize iri tsinda bavuga ko uko gusura urwibutso byabongereye ubumenyi ku mateka y'u Rwanda ndetse n'ubushake bwo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'abayikwirakwiza bifashishije ikoranabuhanga.

Umwe muri bo witwa Uwimanikunda Israel yagize ati: "Twebwe dufite telefoni zigezweho tugomba kuzikoresha tubamaganira kure dukoresheje imbuga nkoranyambaga zitandukanye, tubabwira ko ibyo bavuga batabizi.

Twasuye uru rwibutso rwa Kigali twerekwa uko urwango rwagiye rwigishwa. Ubu turi mu gihugu gifite imiyoborere myiza, tugahabwa amahirwe yo kuvuga icyo dushaka. Abo bahakana Jenoside tuzajya tubabwira tuti 'mwitubeshya, twahigereye, ntimuzongera kuvuga ngo Jenoside ntiyabaye."

Uwitwa Muvunyi Justin yavuze ko benshi mu rubyiruko rw'ubu bavutse Jenoside yararangiye, bityo gusura inzibutso bikarufasha kumenya amateka nyayo no kudashukwa n'abayagoreka.

Yagize ati: "Ubu kuba nasuye urwibutso byampaye ubumenyi ku mateka y'Igihugu cyanjye. Nta muntu uzongera kunshuka cyangwa ngo anyumvishe ibinyoma ku byabaye muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Natwe dufite inshingano zo kubwira abandi ukuri."

Muhongayire Jane na we yagize ati: "Twaje kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, twiyemeje ko hatazongera kuba igikorwa nka kiriya aho twabonye abana bafashwe ku ngufu, abana bishwe, nka 'The Winners Team' twafashe isomo ko tugomba kugira ubumwe kuko urubyiruko ni bo bagize uruhare mu bikorwa byo kwica by'indengakamere. Abashaka kuyipfobya tugomba kubereka ingero ko ibyo bavuga atari ukuri".

Urubyiruko rufite uruhare rukomeye mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside

Ibarura Rusange rya Gatanu ry'Abaturage n'imiturire rya 2022 ryakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) rigaragaza ko abarenga 65% by'Abanyarwanda bafite munsi y'imyaka 35, bivuze ko urubyiruko ari rwo rugize umubare munini w'abagomba gusigasira amateka no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Nubwo bimeze bityo, imibare y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) igaragaza ko hakiri ibyaha bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Urwo rwego kandi rwatangaje ko mu gihe cy'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu 2025, hakiriwe ibyaha 253, birimo 205 by'ingengabitekerezo ya Jenoside na 46 by'ivangura n'amacakubiri, bikekwa ko byakozwe n'abantu 296.

Iyi mibare yanagaragaje ko ibyaha by'ingengabitekerezo byiyongereyeho 8.4% ugereranyije na 2024. Mu cyumweru cya mbere cyo Kwibuka mu 2026 na bwo hafashwe abantu 59 bakekwaho ibyaha bifitanye isano n'ingengabitekerezo ya Jenoside, nubwo imibare yagabanyutse ugereranyije n'umwaka wabanje.

Abagize 'The Winners Team Inkotanyi Cyane' bavuga ko iyo mibare ikwiye kubera urubyiruko isomo ryo gukoresha neza imbuga nkoranyambaga, barwanya imvugo z'urwango, bahinyuza amakuru y'ibinyoma kandi bakwirakwiza ukuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Bashimangira ko kubungabunga amateka atari inshingano z'abarokotse Jenoside cyangwa inzego za Leta gusa, ahubwo ko ari inshingano ya buri Munyarwanda.

Umuyobozi wa Winners Team Inkotanyi Cyane, Uhiriwe Assinah, ukoresha izina rya Mami kuri TikTok yavuze ko kuzana gusura urwibutso, uru byiruko bigamije gufasha benshi muri bo bavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi kandi rukaba rwifashishwa mu bikorwa byinshi.

Ati: "Tugendeye ku bintu twiririrwa tubona ku mbuga nkoranyambaga by'abantu bahakana, bapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, kandi urubyiruko rwinshi dufite ni abana bavutse nyuma y'ibyo byose, turavuga duti: 'Twiyemeje guhangana na bo tubabwiza ukuri uko Igihugu cyacu tukivuga ukuri bitandukanye n'ibyo bavuga, icyiza ni uko bakwiga amateka kugira ngo bajye babasubiza babizi neza"

Umunyamabanga w'Umuryango Uharanira Inyungu z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (IBUKA) mu Karere ka Gasabo, Mukanizeyimana Solange yashimye ko uru rubyiruko rwihatira kumenya amateka nyayo ya Jenoside ahamya ko ntawarushuka nk'uko byagenze mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Muri Jenoside nari mfite imyaka 17, urubyiruko rwariho ni rwo rwafashe iyambere mu kwica abantu cyane kuko ni byo rwari rwarigishije, aho habagaho ibarura mu mashuri mu kazi, n'amarangamuntu yatangwaga aho byageze mu 1994 urubyiruko rufata iya mbere."

Yavuze ko kandi urubyiruko ari rwo mu gihe cya Jenoside rwirundumuriye mu mashyaka yakoze Jenoside.

Ati: "Iyo urubyiruko rwigishwa neza ntabwo Jenoside iba yarabaye kuriya. Tugira amahirwe ko urubyiruko muri iki gihe rwigishwa indangagaciro zijyanye no kurwanya abahakana n'abapfobya Jenoside. Icyo tubasaba ni ukwigira ku mateka yabayeho bagaca ukubiri n'ingabitekerezo ya Jenose bareke kwivanga mu ngengabitekerezo zose zishingiye ku ivangura."

# BNR yatangiye umuvuno mushya mu gusobanurira Abanyarwanda serivisi z'imari

ZIGAMA ATheoneste

***Ubuyobozi bwa Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) bwatangije ibiganiro ngarukamwaka n'abakora itangazamakuru, mu rwego rwo kurushaho gushimangira imikoranire no gufasha abaturage gusobanukirwa serivisi z'imari n'uruhare rw'iyo Banki mu iterambere ry'ubukungu bw'Igihugu.***

Ibi byatangajwe na Guverineri Wungirije wa BNR, Hon. Nick Barigye, ku wa 23 Kamena 2026, ubwo iyo banki yakiraga abakora umwuga w'itangazamakuru barimo abanyamakuru, abakoresha imbuga nkoranyambaga n'abahanga inkuru,muri gahunda yiswe NBR Media Open, igamije kuba umwanya wo gusobanukirwa byimbitse inshingano, ibikorwa na serivisi bitangwa na BNR.

Muri ibyo biganiro, baganiriye n'impuguke muri serivisi zitangirwa muri BNR, zibasobanurira imikorere yayo ndetse n'inshingano ifite mu rwego rw'imari ndetse babaza na bimwe mu bibazo bibaza bijyanye n'urwego rw'ubukungu n'imari.

BNR ivuga ko ibi bizafasha abakora umwuga w'itangazamakuru gutanga amakuru yuzuye kandi yizewe, bityo abaturage bakarushaho gusobanukirwa serivisi z'imari.

Hon. Barigye yavuze ko gutangiza iyi gahunda biri mu rwego rwo kurushaho kwegera itangazamakuru no kuriha amakuru afatika ku bikorwa bya BNR.

Yagize ati: "Twagiye tubona abantu benshi bashaka kumenya amakuru kuri BNR, ariko ugasanga bayizi gusa nk'ikigo gishinzwe kurwanya izamuka ry'ibiciro ku isoko. Twabonye ari ngombwa guha abanyamakuru umwanya uhagije wo kuganira n'impuguke zacu kugira ngo babone ibisubizo ku bibazo byose bafite."

Yongeyeho ko abanyamakuru bafite uruhare rukomeye mu kugeza amakuru ku baturage no kubafasha gusobanukirwa ibijyanye n'imari n'ubukungu.

Ati: "Hari ushobora kwibaza impamvu BNR izamura cyangwa ikagabanya inyungu fatizo, cyangwa uburyo ifaranga rigumana agaciro. Iyo abanyamakuru babisobanukiwe neza, bibafasha kubisobanurira abaturage mu buryo bworoshye kandi bwumvikana."

Abanyamakuru bishimiye iki gikorwa

Umunyamakuru Regine Gacinya, umaze imyaka irenga 20 mu mwuga w'itangazamakuru akaba ayobora ishami ry'ibiganiro kuri Radio na TV Izuba, yavuze ko mu myaka yashize kubona amakuru muri BNR byari bigoye cyane.

Yagize ati: "Kera twumvaga BNR nk'ikigo gikomeye kandi kigoye kugeramo. No kubona amakuru byasabaga inzira ndende, ndetse hari inkuru zimwe twarekeragaho kubera kubura amakuru."

Yatanze urugero rw'inkuru yashatse gukora mu 2010 ku ikoreshwa ry'amadolari mu buryo butemewe n'amategeko, aho byasabye ko bohereza ibibazo mu nyandiko kugira ngo babone ibisobanuro ariko birangira babuze ubasubiza inkuru barayireka.

Gacinya yavuze ko yishimiye uburyo BNR yagiye irushaho kwegera itangazamakuru no gutanga amahugurwa afasha abanyamakuru gusobanukirwa ibijyanye n'imari.

Ati: "Uyu munsi turaganira n'abayobozi ba BNR mu buryo bworoshye. Twishimiye aya mahugurwa kuko azadufasha gukora inkuru zisobanura neza ibijyanye n'urwego rw'imari n'ubukungu."

CRB mu byashimishije abanyamakuru

Umunyamakuru Mutungirehe Samuel, ukorera ku muyoboro wa YouTube Amarembo TV, yabwiye itangazamakuru ko kimwe mu byamushimishije muri ibi biganiro ari ugusobanukirwa neza imikorere ya CRB (Credit Reference Bureau).

Yagize ati: "Abantu benshi bumva CRB ariko ntibasobanukirwe neza icyo ari cyo. Hano twasobanuriwe ko ari uburyo bufasha ibigo by'imari kumenya amateka y'inguzanyo z'abakiliya, bikanafasha kugabanya ibibazo by'imyenda itishyurwa."

Yavuze ko abaturage benshi bagira ibibazo bijyanye no gushyirwa muri CRB cyangwa kuyikurwamo, asaba BNR gukomeza gutanga amakuru ahagije kuri iyi gahunda kugira ngo abaturage bayisobanukirwe neza.

Yanashimye gahunda yo guhura n'abakozi ba BNR imbonankubone, avuga ko ifasha abanyamakuru kubona ibisobanuro byihuse kandi byizewe ku bibazo bibaza gusa asaba ko ubutaha bazajya bahurira mu kiganiro kinyuraho ku bitangazamakuru bitandukanye kirimo kuba kugira kinafasha n'utabashije kuhagera.

Inshingano za BNR

BNR ifite inshingano eshatu z'ingenzi zirimo gusigasira ibiciro ku isoko, kurinda ituze ry'urwego rw'imari no guteza imbere urwego rw'imari rudaheza.

Hon. Barigye yavuze ko intego nyamukuru ya BNR ari ugufasha Umunyarwanda gukoresha amafaranga ye mu buryo bumugirira akamaro no kubona serivisi z'imari mu buryo bworoshye.

Ati: "Iyo tuvuga guhinduka kw'ibiciro, tuba dushaka ko amafaranga umuturage yinjiza akomeza kugira agaciro mu gihe agiye guhaha cyangwa kubona serivisi akeneye."

Yongeyeho ko BNR igenzura ibigo by'imari mbere yo kubiha uburenganzira bwo gukora, ikanagenzura imikorere yabyo kugira ngo urwego rw'imari rukomeze kugira umutekano n'ituze.


Ku bijyanye no kwagura ikoreshwa rya serivisi z'imari, yavuze ko nubwo abarenga 96% by'Abanyarwanda bagezwaho serivisi z'imari, hakiri urugendo rwo gutuma bazikoresha mu buryo bwagutse kandi bubafitiye akamaro.

Ati: "Ntabwo bihagije kuba umuntu afite konti ya Mobile Money gusa. Turashaka ko ayo mahirwe amufasha kubona izindi serivisi zirimo ubwishingizi, kwizigamira no kubona inguzanyo."

Yagaragaje ko ubufatanye hagati ya BNR n'itangazamakuru buzafasha abaturage kubona amakuru yizewe ku rwego rw'imari, bityo bikagira uruhare mu iterambere ry'ubukungu bw'u Rwanda.




**Guverineri Wungirije wa Banki Nkuru y'u Rwanda Hon Nicky Barigye yashimangiye ko abakora umwuga w'itangazamakuru bafatiye runini urwego rw'imari mu Rwanda**




**Hasobanuwe uko amafaranga akorwa kugira ngo bifashe abakora itangazamakuru kubisobanurira ababakurikira**

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# Inda ziterwa abangavu ni ikibazo gikwiye guhagurukirwa

Inda ziterwa abangavu ni ikibazo gikomeye gikwiye gufatirwa ingamba zihamye. Abantu bose n'inzego zitandukanye bagomba gushyira imbere inshingano yo kwita ku burere bw'abana guhera bakiri bato, kugira ngo bakurane indangagaciro zibafasha kuzavamo abantu bafite imitekerereze myiza, birinda kwiyandarika n'indi myitwarire ishobora gutuma abana b'abakobwa bashobora guterwa inda zitateganyijwe. Ibi ni inshingano ya buri wese.

Iyo umwana ahawe umwanya wo kuganirizwa no gusabana n'ababyeyi, bimufasha kwisanzura no gusobanukirwa impamvu agirwa inama ku myitwarire runaka cyangwa akayibuzwa. Uburyo nk'ubu butanga umusingi ukomeye mu kurinda abangavu kwishora mu bikorwa bibashyira mu kaga.

Nk'uko Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Nsanzimana Sabin, yabigaragaje, buri mwaka abangavu barenga ibihumbi 23, ni ukuvuga 60 ku munsi, baterwa inda zitateganyijwe. Ibi bitanga umukoro ukomeye wo gukumira no kurandura inda ziterwa abangavu. Iki kibazo gikurura ingaruka nyinshi ku miryango igasigara ifite inshingano zo kurera umwana n'umwuzukuru icyarimwe, gucikiriza amashuri, ndetse bamwe bakagira ihungabana cyangwa bakagwa mu byago byo gupfa babyara kubera ko imibiri yabo iba itarakura bihagije.

Umubare w'abangavu baterwa inda mu mwaka ugereranywa n'abaturage batuye Umurenge umwe mu Rwanda. Ibi bigaragaza ko ari ikibazo gikomeye gisaba ubufatanye bw'inzego zose, kuko bigira ingaruka ku iteganyabikorwa ry'Igihugu mu nzego z'ubuzima, uburezi n'izindi serivisi z'ingenzi.

Iyo umwangavu atewe inda, si byiza kumutererana cyangwa kumubwira amagambo amukomeretsa. Ahubwo akeneye guhumurizwa, kuganirizwa no gusobanurirwa ko ubuzima bwe butagarukiye aho. Ababyeyi, abarezi n'umuryango nyarwanda muri rusange bakangurirwa gufasha abangavu kwiyakira no gukumira iki kibazo.

Guhangana n'inda ziterwa abangavu si inshingano za Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango cyangwa Minisiteri y'Ubutabera gusa, ni umukoro wa buri wese. Ntibyashoboka hatabayeho gushyira imbere uburere bw'abana no kubarinda ihohoterwa, kuko ingaruka z'iki kibazo zigera ku muryango nyarwanda wose.

**Ubwanditsi**

# Perezida Kagame yibukije urubyiruko kutamira bunguri amabwire




**Perezida Paul Kagame yakebuye urubyiruko arwibutsa ko rutagomba gushukwa ngo rwemere**

**NYIRANEZA Judith**

***Perezida Paul Kagame yibukije urubyiruko ko rugomba kurangwa n'uburere ntirumire bunguri ibyo hanze, rugakomeza kurangwa n'indangagaciro nyarwanda ziboneye, bakirinda kumva amabwire aganisha ku kubatandukanya.***

Yabibabwiye ku wa Gatandatu tariki ya 27 Kamena 2026, mu nama nyunguranabitekerezo yagarukaga ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'urugamba rwo kuyihagarika, abibutsa ko nubwo bavutse nyuma ya Jenoside, bakaba bamenya amateka ari uko bayasomye, bayabwiwe, ariko batagomba kumira bunguri ibyo bumvise.

Yagize ati: "Ndabitindaho kuko nzi ko abenshi muri hano muri urubyiruko, muracyari bato, bamwe aya mateka ubundi ntaho muhuriye nayo uretse kuyasoma, kuyamenya kuba yarabagizeho ingaruka.

Kubitindaho mubyume neza, ibyabaye bifite impamvu nyinshi byashingiyeho bijya kubaho, bifite politike mbi ingengabitekerezo mbi bifite impamvu nyinshi utabikosoye, utarebye neza byakongera no muri mwebwe nubwo mwiyita ngo muri bato, mwebwe ntaho muhuriye nabyo, kurera ni cyo bivuze. Abatoya uko mukura ibyo mukuriyemo, n'abo mukuriyemo mufite uko bituma mutekereza cyangwa se uko mukora, ibyo mukora bya buri munsi."

Umukuru w'Igihugu, Kagame yasobanuye ko ibikorwa bidaturuka hanze, kandi umuntu nawe agomba gushyira mu gaciro.

Ati: "Kubyemera se twebwe nk'Abanyarwanda, bituruka hanze cyangwa biri muri twe. Umuntu yaza akakwigisha ati uyu muturanyi wawe, umuntu muvukana, mufitanye amateka imyaka mirongo, magana ngo uyu muntu ni umuntu mubi, ntukwiriye kuba mugira aho muhurira. Ngo yazanye amatwara mabi, birumvikana ni umugome, ni umuntu mubi ariko wowe ubyemera ute? Wowe nta ruhare ubifitemo, urabyemera abantu bakagushyiramo icyo ukwiriye kwemera, ariko bikaba bariya babigushyizemo, ukabyemera wowe wabyemeye ukaba nta ruhare ufite?"

Yakebuye abajya kwiga hanze ko badakwiye kumva ko nta gaciro bafite no gushaka kwihindura undi muntu.

Ati: "Mwebwe rero mukiri batoya mujya hanze kwiga, ugasanga ubundi ku buryo busanzwe ni ukwiga mu mashuri ntacyo babarusha, ariko wataha ugataha wamize ibintu bimwe bunguri bikuvana kuba icyo uri cyo bishaka kukugira icyo aho uvuye, [.....] mu mutwe ukumva utari wowe ukumva ushaka kuba undi muntu kuki? Undi muntu urashaka kuba we ngo bigende gute?

Ugategereza ko umuntu aza kukubwira ngo iki kintu ni kibi avuye hanze nawe uti ni kibi ukabyemera kandi mu by'ukuri mu buryo buziguye muri icyo kibi harimo wowe, we ntarimo, harimo kukuvanamo icyo uri cyo nawe ukakemera."

Yongeyeho ati: "Ubu koko twe tuzemera ko twebwe abirabura, turi abantu bari aho baciriritse, abandi bari hano mu buryo bwo kuba abantu ariko twebwe turi hano koko, mukabyemera.

Kubyemera ntabwo ari ukubyemera ngo yego cyangwa oya nubwo wavuga ngo oya, ariko ukora ibintu bituma nk'ibyakozwe ngo tube twarisanze mu mateka ameze atya, uba wabyemeye, uba wigize ubusa, warangiza ukabitangira n'ubuhamya, bigaragarira mu gukora ibyo abantu bakoze cyangwa ukabishakira ibisobanuro bindi bitari uko bigombye kuba bibaho."

Perezida Kagame yagaragarije urubyiruko impamvu yo kubabarira, nubwo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabaye batarabaho, ababwira ko amateka yabaye mu gihugu cyacu atari impanuka, byatewe na politiki mbi.

Ati: "Aya mateka yabaye mu gihugu cyacu si impanuka, oya ni politike mbi, ni uburere bubi, ibikorwa bibi bigakorwa ndetse umuntu agashimirwa ko yakoze ibikorwa bibi cyangwa se bikagera aho byumvikana ko nta n'icyo bitwaye, ubwo bikaba umuco, nta mpanuka yabaye.

Ndashaka no kuvuga ngo hari politiki isanzwe itanafite n'agaciro, ubu dushobora kwicara aha, twajya mu mateka yacu tugatangira kuvuga ko ibyatubayeho byaturutse hanze, ariko sinshaka kwemera ko ibibi byose byatubayeho byose byaturutse hanze. "

Umukuru w'Igihugu yasobanuye ko Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda kandi ikomeza guha amahirwe abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yo kuzibukira ikibi. Ati: "Guhendahenda mvuga ni ko kwavuyemo gufata umuntu wamaze abantu abishaka abyivuga ndetse, ukamushakira uko wamubabarira ngo yongere abe umuntu, iyo ubikora ntabwo ari uko cya cyaha kitaremereye ahubwo nk'abantu ni uko icyo cyaha dushaka ko kidasubira, ariko uhereye no kuri wa wundi wagikoze cyangwa wakigizemo uruhare, kumuha ubuzima bushya niba abishaka ngo yongere abeho."

# Kigali: Abarenga 300 bariga uko u Rwanda rwahangana n'ihungabana ry'ubukungu



Abashakashatsi mu by'ubukungu bariga uburyo u Rwanda rwahangana n'ihungabana ry'ubukungu

KAMALIZA Agnes

***Abashakashatsi mu by'ubukungu barenga 350 bo mu Rwanda no hanze yarwo bari kwiga uburyo u Rwanda rwakongera ubushobozi hagamijwe guhangana n'ihungabana ry'ubukungu, no kwimakaza iterambere ridaheza hagamijwe kugera ku cyerekezo 2050, no kunoza Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha iterambere (NST2).***

Inama y'ubushakashatsi mu by'ubukungu yatangiye ku wa 25 Kamena 2026, yateguwe n'Ihuriro ry'Abashakashatsi mu Bukungu mu Rwanda (EPRN); igamije kugaragaza ibitekerezo n'inama zishingiye ku bushakashatsi, guteza imbere ubufatanye hagati ya Leta, amashuri makuru na za kaminuza, imiryango itari iya Leta, n'abafatanyabikorwa mu iterambere.

Ubuyobozi bwa EPRN bugaragaza ko iyo nama ari urubuga rwo kuganira uburyo u Rwanda rwakongera ubushobozi, rugateza imbere mpinduka mu buhinzi, kubyaza umusaruro imirimo iboneka mu ikoranabuhanga n'amahiwe urubyiruko rwayabonamo no kwimakaza ubufatanye mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Umuyobozi wa EPRN, Kwizera Seth ashimangira ko intego nyamukuru ari ukurebera hamwe uko u Rwanda rwakwihuta mu iterambere kandi rirambye ridaheza, n'uko rwahangana n'ibibazo biri hirya no hino ku Isi.

Yagize ati: "Hari intambara, amapfa, ihindagurika ry'ibihe ibyo byose bibangamira iterambere ry'Igihugu. Turi kureba icyakorwa mu gihe abantu baba barakoze igenamigambi ry'iterambere hakaza ibibazo bitunguranye."

Yongeyeho ko haganirwa by'umwihariko ku byiciro byihariye nk'ubuhinzi, kwishakamo ubushobozi, imikoranire n'abandi, urubyiruko no kwihangira imirimo.

Ubuhinzi bufatwa nk'inkingi ya mwamba mu bukungu bw'u Rwanda kuko bwihariye abarenga 60% by'abaturage kandi butanga hafi kimwe cya kane cy'Umusaruro Mbumbe w'Igihugu (GDP).

Ubushashatsi bwo mu 2025, bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) bwagaragaje ko ubukungu bw'Igihugu bwakomeje kuba ntayegayezwa aho Umusaruro Mbumbe w'imbere mu Gihugu (GDP) wiyongereyeho 8,9% mu mwaka wa 2024, urenga ku 8,3% byari byitezwe.

Mu gihembwe cya kabiri cya 2025, umusaruro mbumbe hakurikijwe ibiciro bi ku isoko; wageze kuri miliyari 5 798 Frw, uvuye kuri miliyari 4 966 Frw mu gihembwe cya kabiri cya 2024, ibyo bikaba bingana n'izamuka rya 7,8% ugereranyije n'umwaka wari wabanje.

NISR igaragaza ko urwego rwa serivisi rwagize uruhare rwa 50% mu musaruro mbumbe, ubuhinzi bugira 23%, inganda zigira 21%, mu gihe imisoro yinjijwe na Leta yagize 5%.

Raporo ya 2025 ya Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) igaragaza ko u Rwanda rwakomeje gutera intambwe isigasira imari ya Leta aho ikigereranyo cy'umwenda wa Leta ugereranyije n'umusaruro mbumbe w'Igihugu (Debt-to-GDP ratio) cyagabanyutse kiva kuri 74,5% mu 2024, kigera kuri 73,6% mu 2025.

Ni mu gihe ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2025/26 yageze kuri miliyari 7 032,5 Frw, ikaba yariyongereyeho 21% ugereranyije n'umwaka wabanje.

# Hibutswe abari abakozi b'amagereza 18 bishwe muri Jenoside



RCS yibutse abari abakozi b'amagereza 18 bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

MICOMYIZA Fidele

***Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), rwibutse abari abakozi b'amagereza 18 bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, rwiyemeza kugira uruhare rufatika mu gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda binyuze mu kwigisha abafungiye ibyaha bya Jenoside.***

Komiseri Mukuru wa RCS, CGP Evariste Murenzi yijeje ko uru rwego ruzakomeza gushishikariza abagifungiye ibyaha bya Jenoside gusaba imbabazi abo biciye ndetse batanga n'amakuru y'ahashyizwe imibiri y'abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

CGP Evariste Murenzi yagize ati: "RCS yiyemeje gukomeza kubungabunga amateka y'abahoze ari abakozi b'Amagereza, bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, turizeza imiryango yabo ko batazibagirana kandi umusanzu w'imirimo myiza yabaranze uzakomeza kuba igice cy'amateka ya RCS."

Igikorwa cyo kwibuka abari abakozi b'amagereza, cyabaye ku wa Gatatu tariki 24 Kamena. Cyabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruherereye ku Gisozi, kikaba cyitabiriwe n'abakozi ba RCS, abayobozi mu nzego za Leta, ndetse n'abagize imiryango y'abahoze ari abakozi b'amagereza bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

CGP Murenzi yakomeje agira ati: "Twebwe abakozi ba RCS tuzakomeza kwigisha abagifungiye ibyaha bya Jenoside, n'ibindi bifitanye isano na yo, ko bagomba kugira uruhare rufatika kandi ko bafite inshingano zo gusigasira ubumwe bw'Abanyarwanda basaba imbabazi abo biciye no gutanga amakuru y'ahajugunywe imibiri yabishwe muri Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 kugira ngo bashyingurwe mu cyubahiro."

Yashimiye ubuyobozi Bukuru bw'Igihugu uburyo budahwema guhumuriza no gufasha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, n'intambwe imaze guterwa mu guharanira ubumwe bw'Abanyarwanda.

Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Ubumwe n'Ubudaheranwa muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneraguhugu, Kayumba Uwera Marie Alice yibukije abitabiriye iki gikorwa ko kurwanya no gukumira Jenoside ari inshingano ya buri wese nk'Abanyarwanda kuko bazi aho Jenoside yagejeje Igihugu.

Ati: "Amateka aduhamiriza ko ingengabitekerezo ya Jenoside idakumiriwe ngo irandurwe

KOMEZA KU RUP.9

## Hibutswe abari abakozi b'amagereza 18 bishwe muri Jenoside

IBIKURIKIRA URUP.8

iba itegura kwisubiramo kwa Jenoside. Kurandura ingengabitekerezo ya Jenoside bibe inshingano ya buri munyarwanda".

Yashimiye Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS), kuri gahunda zose rufatanya n'iyi Minisiteri muri gahunda yo gusubiza mu buzima busanzwe abagororwa bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi bari hafi kurangiza ibihano kuko byose biri mu mujyo wo kubarinda isubiracyaha mu gihe bazaba bageze hanze.

Abari abakozi b'Amagereza 18 bamaze kumenyekana barimo Kanusu François Xavier wari Umuyobozi wa Gereza ya Gikongoro, Habimana Jean Nepomoscène wakoreraga Gereza Nkuru ya Kigali, Isabane Jean wari Umuyobozi wa Gereza ya Rilima, Kalisa Jean Claude wari Umuyobozi wungirije wa Gereza ya Butare, Kayumba Jean Damascène wari umukozi kuri Gereza ya Butare, Kimanuka Pierre Célestin wari ushinzwe ibarura muri serivisi z'amagereza.

Hari kandi Mugarura Emmanuel wari umufasha mu buganga kuri Gereza ya Nyanza, Mukagatare Josephine wari umusosiyale kuri Gereza ya Kigali, Mukarusanga Agnès wari umusosiyale kuri Gereza Nkuru ya Kigali, Mutesi Tite wari umwarimu w'ububaji muri Gereza ya Kigali, Ndahiro Pascal wari Umuyobozi wa Gereza ya Kibungo, Ntambaraga Celestin wari umushoferi kuri Gereza ya Kibuye, Ntivuguruzwa Jean Marie Vianney wari umwarimu w'ububaji muri Gereza ya Kigali.

Hari kandi Nyirumuringa Dorothée wari umwanditsi kuri Gereza ya Kigali, Rutiyomba Emille wari umwarimu w'ububaji kuri Gereza ya Kigali, Semuhungu Jean Bosco wari Umuyobozi wa Gereza ya Kibuye, Umubyeyi Chantal wari umwanditsi kuri Gereza ya Nyanza, Uwizeye Prudence wari umusosiyale wakoraga mu ishami ry'ubuganga n'imibereho myiza y'abafungwa.

# Byinshi ku gitabo "Umurage w'Urubyiruko" Yolande Mukagasana yamuritse

**NIYIRORA Theogene**

***Umwanditsi Yolande Mukagasana yamuritse ku mugaragaro igitabo cye cyitwa "Umurage w'Urubyiruko", ari na cyo gitabo cya mbere yanditse mu rurimi rw'Ikinyarwanda.***

Ni igitabo yamuritse ku wa 26 Kamena 2026, aho yavuze ko yakigeneye urubyiruko nk'umurage wo kubigisha indangagaciro zirimo gukunda Igihugu, kubungabunga amateka no kwimakaza umuco nyarwanda.

umuco wo gusoma, ko gusoma ari ishingiro ry'ubumenyi.

Ati: "Umwana udasoma nta cyo aba azi. Nta muntu ushobora kuba umwanditsi adasoma. Niba udasoma, se uzamenya ute?"

Mukagasana yavuze ko iki gice cya mbere cy'igitabo ari intangiriro y'uruhererekane rw'ibindi bitabo ateganya kwandika, byose bigamije gukomeza kwigisha urubyiruko amateka, umuco n'indangagaciro z'Abanyarwanda.

Umuyobozi Mukuru wa REB Dr. Mbarushimana Nelson, yavuze ko igitabo "Umurage w'Urubyiruko" gifitiye igihugu n'urubyiruko akamaro gakomeye kuko gikubiyemo amateka, indangagaciro n'umuco byafasha abakiri bato gukura bakunda igihugu.

Yasabye abarimu gukomeza kurera abanyeshuri babaha uburezi bubafasha kuba abantu bafite indangagaciro, ashimangira ko buri Munyarwanda afite inshingano zo kubungabunga umurage n'umuco by'igihugu.

banyeshuri bari bitabiriye uyu muhango, yavuze ko urubyiruko rukwiye gusoma ibitabo nk'ibi kugira ngo rubashe guhangana n'abahakana cyangwa bapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi 1994.

Undi munyeshuri witwa Uwankanza Tessy Oriane, yavuze ko iki gitabo gifasha urubyiruko kumenya amateka nyayo no gusobanukirwa imvugo zikwiye gukoreshwa igihe bavuga amateka y'igihugu.

Abanyeshuri bitabiriye uwo muhango banasabye ko igitabo




**Dr. Nelson Mbarushimana, Umuyobozi Mukuru wa REB yashimiye Yolande Mukagasana ku gitabo cye cyiza yamuritse**

Mu muhango wo kumenyekanisha iki gitabo, Mukagasana yavuze ko icyamuteye kucyandika ari urukundo afitiye abana n'urubyiruko, dore ko Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 mu Rwanda yamwambuye abana be bose.

Yavuze ko yahisemo kwandika iki gitabo kugira ngo asigire urubyiruko umurage warufasha kubaka u Rwanda ruzira amacakubiri, rushingiye ku rukundo n'ubumwe.

Yagize ati: "Iyo umuntu akwambuye umuco wawe, aba akwambuye agaciro kawe."

Yashimangiye ko urubyiruko rukwiye gukunda ururimi rw'Ikinyarwanda no kugira

Yashimiye kandi Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) ku ruhare rugira mu guteza imbere umuco wo gusoma, anagisaba gukomeza kugeza ibitabo mu mashuri.

Yanasabye ababyeyi kugira uruhare mu kugurira abana ibitabo, agaragaza ko abana benshi batabasha kubyigurira.

Mu butumwa bwe, yavuze ko impano y'igitabo iruta izindi mpano nyinshi kuko yubaka ubwenge n'umutima.

Ati: "Kuki uha umuntu indabo zishobora kuma ejo? Mumuhe igitabo kizubaka umutima n'ubwenge bwe. Indabo si mbi, ariko zijye ziba inyongera ku gitabo."

Senateri Umuhire Adrie na we yasabye urubyiruko kwigira ku Nkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse zikanabohora igihugu. Yibukije urubyiruko ko rufite inshingano zo kurwanya abahakana n'abapfobya Jenoside, rwirinda kwemera ibihuha n'amakuru adafite ukuri.

Yagize ati: "Ntabwo igihugu kibafite nk'inshingano, ahubwo ni mwe mufite igihugu mu nshingano zanyu."

Abanyeshuri bitabiriye uyu muhango bagaragaje ko iki gitabo cyabafashije gusobanukirwa amateka y'u Rwanda n'indangagaciro zo gukunda igihugu.

Micomyiza Honore, umwe mu

"Umurage w'Urubyiruko" cyashyirwa mu masomero y'amashuri yose yo mu Rwanda kugira ngo kigere kuri benshi.

Yolande Mukagasana yabajijwe niba ateganya gushyira iki gitabo mu buryo bw'ikoranabuhanga, avuga ko atarabitekereza kuko ashaka ko kigera no ku rubyiruko rwo mu cyaro rudafite uburyo bwo gukoresha ikoranabuhanga.

Uwimana Magnifique, umwarimu w'Ikinyarwanda, umwanditsi ndetse n'umushakashatsi, washimangiye uruhare rw'ibitabo mu kubungabunga ururimi rw'Ikinyarwanda no guteza imbere umuco wo gusoma mu rubyiruko.

# Ngororero: NEC yagabiye inka 8 imiryango y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi

**MICOMYIZA Fidele**

***Ubuyobozi n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) bagabiye inka umunani imiryango y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bo mu Murenge wa Gatumba, mu Karere ka Ngororero, mu rwego rwo kubafasha kwiyubaka no guteza imbere imibereho yabo.***

Iki gikorwa cyabaye ku wa Gatanu tariki ya 26 Kamena 2026, ubwo ubuyobozi n'abakozi ba NEC basuraga Urwibutso rwa Jenoside rwa Kibirira, bagasobanurirwa amateka yaranze Jenoside yakorewe Abatutsi muri aka gace n'ubukana ndengakamere yakoranwe.

Ni igikorwa cyanitabiriwe n'ubuyobozi bw'Akarere ka Ngororero, abahagarariye inzego z'umutekano ndetse n'Umuryango Ibuka.

Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora basobanuriwe ko Jenoside yakorewe Abatutsi muri aka gace yatangiye mbere ya Mata 1994, kuko Umututsi wa mbere yishwe ku wa 10 Ukwakira 1990.

Banagaragarijwe kandi ko ubukana Jenoside yagize muri aka karere bwatewe n'uko bamwe mu bayiteguye bakanayicengeza bavukaga muri Ngororero, barimo Leo Mugesera, Gen. Sylvestre Mudacumura na Pacifique Ntawunguka uzwi nka Omega.

Visi Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Habimana Kizito, yavuze ko icyo gikorwa cyari kigamije gusura Urwibutso rwa Kibirira no kureba imibereho y'abarokotse Jenoside Komisiyo yagize uruhare mu gufasha.

Yasobanuye ko mu 2017 Komisiyo yafatanyije n'izindi nzego kubaka Urwibutso rwa Kibirira, inagira uruhare mu kuvugurura inzu 10 mu mudugudu wa Mpara no gusana izindi nzu umunani mu mudugudu wa Ruvumu, yose iherereye mu Murenge wa Gatumba.

Yagize ati: "Twashimishijwe no kubona abo twafashije kubakira no gusanira inzu bagikomeje kubaho neza kandi bashima uruhare Komisiyo yagize mu mibereho yabo."

Yakomeje avuga ko mu nshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora harimo no kwigisha abaturage uburere mboneragihugu bushishikariza kubana neza, kwimakaza ubumwe, ubufatanye n'iterambere.

Ingabire Solange, umwe mu bagabiwe inka, yavuze ko iyo nka igiye gukemura ikibazo yari amaranye igihe cyo kubura ifumbire, bikazamufasha kongera umusaruro w'ubuhinzi.

Yagize ati: "Batari bampa inka nahingaga nkabura ifumbire. Ubu ngiye guhinga neza kandi niteze imbere."



NEC yahaye inka 8 imiryango y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Undi mugenerwabikorwa, Yankurije Delphine, wavukiye akanarokokera Jenoside mu Murenge wa Gatumba, yavuze ko iyo nka igiye guhindura ubuzima bwe kuko yari asanzwe atunzwe n'ubuhinzi.

Yagize ati: "Ngiye kuyifata neza kuko nzi ko izambera isoko y'iterambere, kandi intego mfite ni ukuzitura na bagenzi banjye."

Perezida wa Ibuka mu Karere ka Ngororero Ntagisanimana Jean Claude yavuze ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, abarokotse bahuye n'ibibazo bikomeye birimo kubura aho kuba, imibereho mibi n'ihungabana. Yashimye uruhare Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakomeje kugira mu kubafasha kubaka amacumbi, kubungabunga amateka no guteza imbere imibereho yabo.

Yavuze ko Komisiyo yagize uruhare mu kubaka inzu 18 z'abarokotse, ikagira n'uruhare mu kubaka Urwibutso rwa Kibirira rushyinguyemo imibiri y'Abatutsi basaga ibihumbi 25.

Yagize ati: "Komisiyo yakomeje kutuba hafi. Uyu munsi yongeye kuduhumuriza isura Urwibutso rwa Kibirira, inatura indabo abaharuhukiye, ndetse idutera inkunga ya miliyoni 10 yavuyemo inka umunani zagabiwe imiryango y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi."

Yasabye abagabiwe izo nka kuzifata neza, bakazibyaza umusaruro binyuze mu mata n'ifumbire, ndetse bakazitura abandi baturage kugira ngo na bo bazungukire muri iyo gahunda.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Kibirira, ruherereye mu Murenge wa Gatumba mu Karere ka Ngororero, rushyinguyemo imibiri y'Abatutsi basaga ibihumbi 25 bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, harimo n'abihayimana biciwe muri Paruwasi ya Muhororo.

## CPR yibutse Jenoside yakorewe Abatutsi, abanyamadini basabwa kwigisha urukundo

**KAMALIZA Agnes**

***Inama y'Abaporotesitanti mu Rwanda, (CPR) yifatanyije n'Abanyarwanda kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hanengwa uruhare abanyamadini bagize muri Jenoside; bityo bagenzi babo muri iki gihe bahabwa umukoro wo kwigisha urukundo nyakuri no kurwimakaza hose.***

Ibi byagarutsweho mu gikorwa cyabereye ku cyicaro cya CPR ku Kimihurura ku wa 26 Kamena 2026, cyitabirwa n'abahagarariye amadini n'amatorero, ndetse n'abayobozi mu nzego zitandukanye.

CPR yanenze bamwe mu banyamadini n'abayobozi b'amatorero bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ishimangira ko igihe cyo kwibuka gikwiye kuvamo amasomo afatika yo guhindura amateka mabi, ahanini ashingiye ku kurwanya urwango no kwimakaza urukundo nyakuri.

Visi Perezida wa CPR akaba n'Umuvugizi w'Itorero rya EPR, Dr. Bataringaya Pascal, yavuze ko ari agahinda n'ikimwaro kubona bamwe mu biyitaga abakozi b'Imana barananiwe inshingano zabo, bakajya mu bikorwa byo kwica Abatutsi aho kubarinda no kubahumuriza.

Yagize ati: "Ni ikimwaro gikomeye kuba abari bakwiye gukiza imitima barafashe iya mbere mu kwica Abatutsi bakanyuranya n'ijambo ry'Imana. Kwibuka rero ni umwanya wo kuvanamo amasomo no kwiha umukoro wo kutagoreka ijambo ry'Imana ahubwo nk'abakozi b'Imana tukimika inyigisho z'urukundo nk'uko ijambo ry'Imana ribidusaba."

Muri icyo gikorwa hanagarutswe ku mateka y'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi, hibandwa ku ruhare rubi bamwe mu banyamadini bagize mu gutatira inshingano zabo no gutiza umurindi abicanyi.

Mu buhamya bwe, Archidikoni Gahigi Etienne yagaragaje uburemere bw'itotezwa Abatutsi banyuzemo mbere ya Jenoside, anavuga ku bikomere byasizwe n'uruhare rw'abanyamadini mu byabaye.

Yagize ati: "Ni igikomere kiremereye kugaruka ku buryo abanyamadini n'amatorero bagize uruhare mu iyicwa ry'Abatutsi bari babahungiyeho."

Uhagarariye Umuryango Uharanira Inyungu z'Abarokotse

# CPR yibutse Jenoside yakorewe Abatutsi, abanyamadini basabwa kwigisha urukundo



**Inama y'Abaporotesitanti mu Rwanda, CPR yifatanyije n'abanyamadini n'amatorero kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994**

Jenoside yakorewe Abatutsi (IBUKA), Nsengimana Alphonse, yavuze ko kwibuka ari inshingano yo gusubiza icyubahiro ababuze ubuzima bazira ubusa, no gukomeza kubungabunga amateka nyayo ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yasabye amadini n'amatorero gukomeza kwimakaza inyigisho z'ukuri zishingiye ku ijambo ry'Imana, hagamijwe kubaka igihugu kirangwa n'ubumwe, imibanire myiza n'ubudaheranwa.

Yanashimangiye ko amasomo u Rwanda rwakuye mu mateka ya Jenoside adakwiye guteshwa agaciro, asaba buri wese kugira uruhare mu guhangana n'abakomeje guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Nsengimana yagize ati: "Kwibuka ni umwanya ukomeye wo kongera gusubiza agaciro n'icyubahiro abavukijwe ubuzima muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Ni n'umwanya wo gukomeza kwiyubaka ariko kandi tugomba kuba ku isonga mu kurwanya abapfobya n'abahakana amateka yacu."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kimihurura, Dushimirimana Angelique, yasabye buri wese kugira uruhare mu guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside n'abakomeje kuyipfobya, agaragaza ko urubyiruko rukwiye kuba ku isonga muri uru rugamba.

Yagize ati: "Abana bacu bagomba gufata iya mbere mu guhangana n'abapfobya n'abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyane cyane bifashishije imbuga nkoranyambaga."

Yongeyeho ko kugira ngo ibyo bigerweho, ari ngombwa ko urubyiruko rumenya amateka nyayo y'u Rwanda, ashimangira ko kubigisha ayo mateka ari inshingano ya buri wese.

CPR kandi yaremeye imiryango 47 y'abarakotse Jenoside bo mu Murenge wa Gahanga mu Karere ka Kicukiro, mu gikorwa cyo kubaremera cyimaze imyaka 14.

# MINUBUMWE yasabye abaturage gushyigikira ubuyobozi butanga icyerekezo cyiza



**Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr Bizimana Jean Damascene**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yasabye abaturage kurwanya ingengabitekerezo y'urwango n'amacakubiri yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, isaba abaturage kwihatira kuyisobanukirwa.***

Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr. Bizimana Jean Damascène yabikomojeho ku Cyumweru tariki ya 21 Kamena ubwo yitabiraga igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyabereye mu Murenge wa Busasamana mu Karere ka Nyanza. Mu kiganiro yatanze, Minisitiri Dr Bizimana yavuze ko iyo ngengabitekerezo bakwiye kuyisobanukirwa n'ibyayiranze kuko ari wo musingi wo kurinda Igihugu ibyonnyi byagisubiza mu icuraburindi rya Jenoside.

Ati: "Iyi ngengabitekerezo muyimenye kugira ngo tumenye ibibi byayiranze tubikumire, turinde Igihugu cyacu dufashe ubuyobozi bw'Igihugu bwiza dufite kuko ni ubuyobozi noneho buha icyerekezo cyiza buri Munyarwanda, ni ibintu bitigeze bibaho ku butegetsi bwa Perezida Kayibanda na Habyarimana, byaherukaga ku gihe cy'Abami. Ubuyobozi bwacu rero tugomba kuburinda, kubukunda no kubwubaha."

Muri icyo gikorwa, mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza hashyinguwe mu cyubahiro imibiri 43 y'inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Minisitiri Dr. Bizimana yagarutse ku gaciro ko gushyingura mu cyubahiro Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho yagize ati: "Aba-PARMEHUTU n'Interahamwe ntibigeze batekereza na rimwe ko bashobora kuzatsindwa tugashobora kuza tugashyingura abacu mu cyubahiro, tukabavuga ibigwi kandi n'amabi y'abajenosideri tukayavuga, ariko tukayavuga dukosora."

Yaboneyeho gukomeza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abizeza ko ibyabaye bitazasubira kandi Leta y'u Rwanda izakomeza kubana na bo.

**Amateka y'ingengabitekerezo y'urwango n'amacakubiri mu Rwanda**

Mu Rwanda, ingengabitekerezo y'urwango n'amacakubiri yagiye yubakwa mu bihe bitandukanye by'amateka, cyane cyane kuva mu gihe cy'ubukoloni kugeza habaye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mbere y'ubukoloni, Abanyarwanda bari bafite ubwenegihugu bumwe, bavuga ururimi rumwe kandi basangiye umuco. Ibyiciro by'Abahutu, Abatutsi n'Abatwa byari bihari, ariko ntibyafatwaga nk'amoko atandukanye ahubwo impuguke mu mateka zigaragaza ko ibi byari ibyiciro by'ubukungu n'imibereho.

Abakoloni b'Abadage n'Ababiligi binjije imyumvire y'amoko ashingiye ku nyigisho z'ivangura. Bashyizeho uburyo bw'ubutegetsi bwari bushingiye ku gutandukanya abaturage, banashyiraho indangamuntu zandikwagaho ubwoko mu 1933-1934 birushaho kwimika amacakubiri hagati y'Abanyarwanda.

Mu mpera z'ubukoloni havutse inyandiko n'amashyaka bya politiki byashimangiraga itandukaniro hagati y'Abahutu n'Abatutsi. Mu 1959 habaye imvururu n'ihohoterwa ryibasiye Abatutsi, abenshi bahunga igihugu bikurikirwa n'icyiswe kubona ubwigenge mu 1962 ariko wari umutego wakomeje gufata Abanyarwanda bagumye mu myumvire ya gikoloni kugeze ibagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Muri Repubulika ya Mbere yabayeho mu mwaka 1962 kugeza mu 1973, amacakubiri yakomeje kugaragara mu miyoborere, Abatutsi bari barasigaye mu Gihugu bakomeje guhezwa mu burezi, mu kazi no mu buyobozi. Ibitero byibasiraga Abatutsi byagiye bibaho mu bihe bitandukanye.

Muri Repubulika ya Kabiri yakurikiyeho kuva mu 1973 kugeza mu 1994, Politiki y'ivangura n'amacakubiri yakomeje kwimakazwa hashyirwaho gahunda yiswe "iringaniza" (équilibre ethnique et régional) yakomeje guha abantu amahirwe hashingiwe ku moko cyangwa ku Turere bakomokamo. Mu myaka ya za 1990, urwango rwakajijwe n'itangazamakuru ndetse n'abanyapolitiki.

Ingengabitekerezo y'urwango yo kwibasira Abatutsi yari imaze imyaka myinshi yigishwa no gukwirakwizwa yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994, ihitana abasaga miliyoni imwe mu minsi 100 gusa.

Nyuma ya Jenoside, u Rwanda rwafashe ingamba zo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'amacakubiri binyuze mu kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge, gukuraho amoko mu ndangamuntu no mu miyoborere yose y'Igihugu, gushyiraho no kubahiriza amategeko ahana ingengabitekerezo ya Jenoside, kwigisha amateka ya nyayo y'u Rwanda no gukomeza gahunda z'ubumwe bw'Abanyarwanda.

# Babyeyi nta politiki n'amategeko byasumba guha uburere umwana - Minisitiri Uwimana



**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolée yasabye ababyeyi gukurikirana uburere bw'abana babo**

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Uwimana Consolée, yasabye ababyeyi kongera imbaraga mu kurera no kurinda abana babo, ashimangira ko nta politiki, amategeko cyangwa gahunda bya Leta byasimbura uruhare rw'umubyeyi mu gukumira ibibazo birimo inda ziterwa abangavu.***

Yabigarutseho ku wa Gatanu, tariki ya 26 Kamena 2026, mu Ihuriro ry'Urubyiruko ryabereye i Kigali, ryibanze ku gukumira no kurwanya inda ziterwa abangavu byateguwe n'Umuryango Imbuto Foundation bikaba byitabiriwe na Madamu Jeannette Kagame, Umuyobozi Mukuru w'uwo muryango.

Ashingiye ku nsanganyamatsiko y'iri huriro igira iti "Kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye, twihutishe ibikorwa byo gukumira no kurwanya inda ziterwa abangavu," Minisitiri Uwimana yavuze ko kurwanya iki kibazo bitashoboka igihe umuryango utashyize imbere uburere bw'abana no kubarinda ihohoterwa.

Yagaragaje ko imibare y'abangavu baterwa inda ikomeje gutera impungenge, aho abarenga ibihumbi 23 baziterwa buri mwaka, umubare ugereranywa n'abaturage batuye Umurenge umwe mu Rwanda.

Minisitiri Uwimana yashimangiye ko gukumira inda ziterwa abangavu ari inshingano za buri Munyarwanda.

Ati: "Kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana bisaba umuryango urera kandi urinda umwana, abarezi bamukunda kandi bakurikirana imibereho ye yose ndetse n'abaturage badaceceka iyo babona ari mu kaga cyangwa ashukwa kandi bigasaba by'umwihariko inzego zikora kandi zikorana."

Yavuze ko bishoboka guca burundu iki kibazo, agaragaza ko mu Rwanda hari Imidugudu imaze igihe itarangwamo abangavu baterwa inda, bikaba ari ikimenyetso cy'uko ubufatanye bw'inzego zitandukanye butanga umusaruro.

Yongeye kwibutsa ababyeyi n'abarezi ko bafite uruhare rwa mbere mu kurinda abana babo. Ati: "Babyeyi namwe barezi bagenzi banjye nta politiki, nta mategeko, nta gahunda nta n'urwego byasumba uruhare rwacu mu kurera umwana. Umwana urinzwe n'utinyuka wisanzura ntatinye kubwira umurera, ikibazo ahuye na cyo cyose."

Iri huriro ry'urubyiruko ryitabiriwe n'abarenga 2 000 baturutse mu nzego zitandukanye birimo abahanga mu buvuzi, abashakashatsi, inzego z'umutekano n'iz'ubutabera, abayobozi mu nzego zifata ibyemezo, abahagarariye ibihugu n'imiryango mpuzamahanga ikorera mu Rwanda, hamwe n'urubyiruko n'abandi bafatanyabikorwa.

Abaryitabiriye baganiriye ku ngamba zakwihutisha gukumira no kurwanya inda ziterwa abangavu, mu rwego rwo kurinda ubuzima, uburenganzira n'ejo hazaza h'abana b'abakobwa.

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima mu Rwanda (RBC) igaragaza ko inda ziterwa abangavu zikomeje kuba ikibazo gihangayikishije mu Rwanda.

Mu 2017 habaruwe abangavu 17 331 batewe inda, umubare ugera kuri 23 622 mu 2019, mu gihe mu 2020 wari 19 701.

Minisiteri y'Ubuzima kandi igaragaza ko igipimo cy'abangavu baterwa inda cyavuye kuri 5% mu 2020 kigera ku 8% mu 2025, ibintu bikomeje gutuma Guverinoma n'abafatanyabikorwa bayo bashyira imbaraga mu bikorwa byo gukumira iki kibazo no kugabanya ingaruka zacyo ku bana, imiryango n'iterambere ry'Igihugu.

# U Rwanda rwashimye umusanzu ntagereranywa w'abagore muri dipolomasi


**Abanyarwandakazi bakora muri Dipolomasi bizihije Umunsi Mpuzamahanga wabahariwe**

NTAWITONDA Jean Claude

***Ku wa 24 Kamena, ubwo hizihizwaga Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Abagore bakora muri Dipolomasi, Guverinoma y'u Rwanda yashimiye Abanyarwandakazi bakora muri Dipolomasi aho basigasira umubano n'ubutwererane bw'Igihugu n'amahanga, bakaba umusemburo w'amahoro aho batumwa hose.***

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane yabashimiye ubwitange bagaragaza, ubuyobozi n'umusanzu batanga mu kwimakaza ubutwererane mpuzamahanga, kwimakaza amahoro ndetse no gushyigikira uruhare rw'u Rwanda mu gusigasira iterambere mpuzamahanga.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, Dr. Usta Kaitesi yavuze ko mu gihe u Rwanda rwifatanyije n'Isi kwizihiza uyu munsi ruzirikana umusanzu w'abagore n'abakobwa b'Abanyarwandakazi mu kubaka ibiraro bihuza ibihugu no kuba intangarugero ku bakiri bato babatera ishyaka ryo kuzaba abayobozi b'ahazaza.

Yagize ati: "Uyu munsi turashimira byimazeyo Abanyarwandakazi b'indashyikirwa bakora muri dipolomasi. Ukwiyemeza kwanyu mu bubanyi n'amahanga n'ubutwererane mpuzamahanga bidutera ishema mu by'ukuri, kandi umusanzu wanyu uzahora ari uw'agaciro. Dukomeje gushimangira ukwiyemeza kwimakaza uruhare rw'abagore muri dipolomasi."

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane nanone yanifurije Umunsi Mpuzamahanga w'Abagore bakora muri Dipolomasi abagore bose muri rusange batanga umusanzu wabo mu bubanyi mpuzamahanga, baba abakorera mu Mujyi wa Kigali no mu bindi bice byose by'Isi.

Uyu munsi watangiye kwizihizwa ku isi yose muri Kamena 2022, ubwo Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibyumbye yateranaga ku nshuro ya 76 igahindura amateka yari amaze ibinyejana byinshi aho abagabo ari bo bari barigaruriye Politiki na dipolomasi.

Imibare itangwa n'Umuryango w'Abibumbye igaragaza ko imibare yakusanyijwe hagati y'umwaka wa 1992 kugeza mu 2019 ku Isi yose, igaragaza ko abagore bari bagize nibura 13% y'abahagararira ibihugu byabo mu biganiro, bagize 6% mu bahuza, na 6% mu bashyira umukono ku masezerano y'amahoro.

Nyamara, ubushakashatsi bwagaragaje ko abagore bafite umwihariko mu kugenda neza kw'ibikorwa by'ubuhuza, mu biganiro no mu bikorwa byose bigamije kubaka amahoro.

Ingero zigaragara mu bihugu bitandukanye birimo n'u Rwanda zishimangira ko abagore batanga umusanzu ukomeye mu guhagararira ibihugu mu mahanga, guteza imbere umubano wabyo n'ibindi, gukurura ishoramari n'ubufatanye mpuzamahanga, no kurengera inyungu z'abaturage b'ibihugu baba mu mahanga.

Ubutwari bwabo bunagaragarira mu bwitange bwabo aho baba bagomba guhuza inshingano za dipolomasi n'iz'umuryango, no guhangana n'imyumvire ikiri henshi mu bice dipolomasi ikiri urwego rwiganjemo abagabo.

Abagore bagira uruhare mu biganiro by'amahoro no gukemura amakimbirane, bakanafasha guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye mu byemezo bifatwa ku rwego mpuzamahanga.

Uko umubare w'abagore bahagarariye ibihugu nk'abambasaderi ugenda wiyongera, ni ko na Politiki z'ibihugu zigenda zihinduka zibaha amahirwe yo kugaragaza ibyo bashoboye nk'abagabo.

U Rwanda ni kimwe mu bihugu byahaye abagore umwanya munini mu buyobozi no muri dipolomasi. Abagore benshi bahagarariye u Rwanda nk'abambasaderi cyangwa bari mu myanya ikomeye muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga.

KAMALIZA Agnes

# Waterwa inda utagiye mu busambanyi? Minisitiri w'Ubuzima abaza urubyiruko

***Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin Nsanzimana yagaragarije urubyiruko bimwe mu bituma inda ziterwa abangavu zikomeza kwiyongera; abibutsa ko ntawaterwa inda atasambanye, abasaba kwirinda ibibaganisha mu ngeso nk'izo kuko bibicira ahazaza ndetse bakaba mu ngaruka z'ibyo bakoze.***

Dr. Nsanzimana yabigarutseho ku wa Gatanu, tariki ya 26 Kamena 2026, mu biganiro byateguwe na Imbuto Foundation by'Ihuriro ry'Urubyiruko byibanze ku gukumira no kurandura inda ziterwa abangavu.

Minisitiri Dr. Nsanzimana yagaragaje ko kuba mu Rwanda abangavu barenga ibihumbi 23 buri mwaka baterwa inda zidateganyijwe biterwa n'impamvu nyinshi zirimo; kugira amakuru atari yo, kugendera mu kigare, ubukene, abajyanama babi, ihohotera n'ibindi.

Yashimangiye ko hari aburirira ku bukene bagashukisha abana b'abakobwa ibyo bakeneye bakabasambanya ari na ho babaterera inda, abasaba kugira imyitwarire iboneye ituma batishora muri izo ngeso.

Yagiza ati: "Ubukene hakaba n'ababwuririraho kugira ngo baguhe ibyo ukeneye bakujyane mu busambanyi. Ntawunyagirwa atagiye mu mvura. Watwara inda se utagiye mu busambanyi?"

Dr. Nsanzimana yagaragaje ko ibyo ari ubushukanyi buganisha habi agira ati: "Umuntu ukubwira ngo aguhe telefone




**Minisitiri Dr Nsanzimana Sabin yabwiye urubyiruko ko rutatwara inda rutasambanye**

agusigire inda ubuzima bwawe burangire inyungu irimo ni iyihe? Telefone yo gufata ifoto, abantu bakayikunda bikarangirira aho ugatwita, ubuzima bwawe bukarangirira aho ni amahitamo mabi."

Minisitiri Dr. Nsanzimana yavuze ko hakiri n'ibihuha n'ibisobanuro bitari byo bihabwa abangavu; aho hari abibwira ko iyo umuntu arwaye ibiheri mu maso agasambana bikira, uburyo abikozemo adashobora gutwara inda, kubikora rimwe ntacyo bitwaye n'andi makuru ayobya bahabwa.

Yasabye urubyiruko kwirinda kugendera mu kigare kibi, bagashungura abajyanama babo ndetse abana b'abakobwa bakiga kugeza basoje ayisumbuye kuko byagaragaye ko bigira uruhare hafi 70% mu kugabanya inda baterwa.

Yabagaragarije ko bakwiye kugira ikinyabupfura, imyitwarire iboneye, bakihagararaho, bakihangana kuko amahitamo bakora ari yo abagenera uko bazabaho ejo, ndetse ko nibadafata neza umubiri wabo bazahura n'ingaruka zo kuwufata nabi kuko nta kizawusimbura kibaho.

Yongeyeho ati: "Uyu mubiri tubamo tuzawusaziramo ntabwo bazaduhindurira ngo baduhe undi, n'abaganga iyo bahinduye bahindura inyama imwe. Nuwica ubu uzabyishyura ejo, nuwufata neza ubu uzawubamo neza ejo. Uko uzamera neza ni ko u Rwanda ruzakungukamo."

Ubushakashatsi bwa karindwi ku mibereho n'ubuzima bw'abaturage mu Rwanda (DHS 7) bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), bwagaragaje ko imibare y'abangavu baterwa inda z'imburagihe yazamutse ikagera ku 8% mu mwaka wa 2025, ivuye kuri 5% mu mwaka wa 2020.

# Nta rugingo rw'umubiri igituntu kidashobora kwibasira - Dr Habimana Mucyo



**Dr Yves Habimana Mucyo ukuriye Ishami rishinzwe kurwanya igituntu mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC)**

NYIRANEZA Judith

***Dr Habimana Mucyo Yves ukuriye Ishami rishinzwe kurwanya igituntu mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC), avuga ko indwara y'igituntu ari indwara imaze igihe kirekire ku Isi, ikunze kwibasira imyanya y'ubuhumekero by'umwihariko ibihaha, kandi mu gihe amaraso abinyuramo agenda akazenguruka mu bice byose by'umubiri, iyo ndwara ishobora gufata igice icyo ari cyo cyose cyawo.***

Yavuze ko igituntu kivurwa kigakira kandi iyo serivisi mu Rwanda ikaba itangirwa ubuntu aho ubuvuzi bwegerejwe abaturage kuko izo serivisi zinatangwa n'Abajyanama b'ubuzima, aho kuri urwo rwego igipimo cy'abahabwa serivisi kigeze kuri 94% bakira, naho muri rusange igipimo cy'abahabwa serivisi mu nzego z'ubuvuzi kikaba kiri kuri 90%.

Dr Habimana yavuze ko igituntu ari indwara yamenyekanye hashize igihe kirekire kuko kumenya imiterere y'agakoko kayitera n'uko yavurwa byamenyekanye mu 1947.

Yagize ati: "Nta rugingo rudashobora kwandura igituntu, kubera ko udukoko dutera igituntu 'Bacille de Kock' iyo tugeze mu bihaha gufatamo umwuka mwiza, amaraso avuyemo akomereza mu zindi ngingo z'umubiri, bityo na zo zikaba zishobora kwandura."

Yakomeje asobanura ko igituntu kivurwa kigakira ariko ko akenshi kibasira abantu bitewe n'urwego rw'imibereho yabo, kuko umuryango ubayeho mu bushobozi buke, uba ufite ibyago byo kwibasirwa n'indwara y'igituntu.

Ati: "Ni indwara ifitanye isano n'uburyo abantu babayeho, kuko ikunda kwibasira abafite ubushobozi buke, imibereho yabo itameze neza, usanga umubiri udafite ubwirinzi bw'umubiri buhagije, noneho umuntu akaba yarwara igituntu."

Dr Habimana yavuze ko u Rwanda rwashyizeho ingamba zifasha mu guhangana n'indwara y'igituntu, aho ubuvuzi bwegerejwe abaturage kandi bugatangirwa ubuntu.

Yagize ati: "Igituntu ni indwara idahita igaragara, kandi iracyahari gusa u Rwanda rufite intego yo kuyica burundu. Iyo ivuwe kare irakira ndetse ubuvuzi bwegerejwe abaturage kugera Bajyanama b'ubuzima, serivisi zo gusuzuma, gupima no kuvura mu gihugu hose mu bigo nderabuzima mu bitaro byose mu gihugu birahari kandi byose ni ubuntu.

Uburyo bwo kuyipima bwaravuguruwe hakoreshwa imashini ifite ubushobozi buhanitse, 'Genexpart'. Mu gihugu dufite imashini 91 zikorera ku masite 86"

Raporo ya OMS igaragaza ko u Rwanda ruhagaze neza mu guhashya igituntu

Imibare ikubiye muri raporo ya 2024, itangazwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Ubuzima (OMS), igaragaza ko mu Rwanda umubare w'abakekwaho igituntu ugabanyuka.

Abarwayi bashya b'igituntu ni 62/ 100 000 (62 ku baturage 100 000 by'abaturage b'u Rwanda) ni bo bafite indwara y'igituntu ku mwaka kuko mbere twageraga ku barwayi bagera muri 200/100 000.

Yagize ati: "Ubu abarwayi benshi bakekwaho igituntu bari mu cyiciro cy'imyaka 20-45, ni ho benshi bari. Koko twasanze abarwayi bacu benshi bari hagati y'imyaka 15-44 mu 2024/2025."

Dr Habimana yakomeje agaragaza ko OMS yerekanye ko igituntu kigabanyuka, mu gihe mu 2022/2023 Covid-19 irangiye bari 9 433, mu 2023/2024 umubare ugera ku 8 556 hanyuma mu 2024/2025 ugera ku 8 213.

Yagarutse ku bimenyetso by'indwara y'Igituntu harimo inkorora itinda ikaba yarenza ibyumweru 2, uko iminsi ishira igikororwa kiriyongera, kubira ibyuya cyane cyane ku mugoroba n'igihe umuntu aryamye, umuriro utangira ari muke mu minsi ya mbere ukagenda uzamuka nimugoroba akajya atitira nk'urwaye malariya bamupima ntibayisangemo, kubabara mu gatuza, kugira ikizibakanwa ntabashe kurya agata ibiro, akananuka cyane. Indwara y'igituntu yavumbuwe n'umuganga w'Umudage Robert Kock mu 1882, iterwa na 'Bacille de Kock'.

# Abasirikare ba RDF barwanira ku butaka basoje amahugurwa y'amezi 4



Abasirikare barwanira ku butaka basoje imyitozo

IMVAHO NSHYA

***Abasirikare bo muri Brigade y'Ingabo z'u Rwanda (RDF) zirwanira ku Butaka, basoje neza amahugurwa y'amezi ane yo ku rwego rwo hejuru, yibanze ku gutyaza ingabo ngo zihore ziteguye, bongerwa ubumenyi mu kuyobora no gukurikirana imyitwarire y'abasirikare, no kunoza amayeri y'ibikorwa njyarugamba.***

Umuhango wo gusoza aya mahugurwa wabereye mu Kigo cya Gisirikare cya Nasho giherereye mu Karere ka Kirehe, ku wa 23 Kamena 2026, uyoborwa n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda Gen. Mubarakh Muganga, n'abandi bayobozi bakuru mu ngabo z'u Rwanda.

Gen MK Mubarakh yashimiye abarangije aya mahugurwa anabagezaho ubutumwa bwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda Paul Kagame.

Muri ubwo butumwa, Perezida Kagame yashimye akazi gakomeje gakorwa na RDF n'izindi nzego z'umutekano, anashimira by'umwihariko abasirikare barangije aya mahugurwa uyu munsi. Yabibukije ko amahugurwa ahoraho ari yo nkingi y'ingenzi ituma RDF ikomeza gukora kinyamwuga.

# Kayonza: Urubyiruko ruhinga ubwatsi bw'amatungo rufite inzozi zo kugera kuri 100 Ha



Murenzi uhagarariye urubyiruko rwahinze ubwatsi avuga ko hagamijwe kongera ubwatsi bw'amatungo bateganya kubuhinga kuri hegitari 100

NYIRANEZA Judith

***Urubyiruko 50 rwibumbiye muri kampani ihinga ubwatsi bw'amatungo kuri Hegitari 51 yatangiye kwiteza imbere kuko yagurishije ubwatsi bwa miliyoni 16 Frw mu gihembwe kimwe, kandi ifite intego yo kongera ubuso bukagera kuri Hegitari 100 kuko batari bahaza isoko ry'ababukeneye.***

Murenzi Eric uhagarariye kampani y'urubyiruko ruhinga ubwatsi bw'amatungo, Powers of Youth in Agriculture Modernization (PYAM LTD) ikorera mu Murenge wa Mwiri mu Kagari ka Nyawera yahaye akazi urubyiruko runakuramo amafaranga ndetse rugira uruhare mu gukemura ikibazo cy'ubwatsi bw'amatungo. Yavuze ko bahinga ubwatsi, bakabucunga kandi bakanabushakira isoko.

Yagize ati: "Duhinga ubwatsi bw'amatungo bw'ubwoko 4 bufasha kuzamura umukamo kuri Hegitari 51. Tumaze gusarura inshuro imwe, imiba 8 000 umwe ugura 2 000Frw twinjije miliyoni 16 Frw, tunasaruraho umurama wa chloris ungana na Toni turi gushaka isoko. Uretse kubona amafaranga, guhinga ubu bwatsi hanahanzwe imirimo, kandi mu gihe cy'ibikorwa dukoresha abakozi 300."

Murenzi avuga ko ubwo bwatsi bahinze budahagije, ari yo mpamvu bafite gahunda yo kongera ubuso babuhingaho, bakava kuri hegitari 51 bakagera kuri Hegitari 100. Yagize ati: "Ntabwo turahaza isoko, abakiliya ni benshi, ariko dufite gahunda yo kongera ubuso duhingaho ubwatsi, tukava kuri Hegitari 51 tukagera kuri Hegitari 100. Umushinga wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, ugamije guteza imbere inka z'umukamo (RDDP 2) ni bo baterankunga badukurikirana mu bikorwa byose. Isoko rirahari ndetse ntidushobora kubahaza, urubyiruko rushishikarire kwitabira ubworozi kuko burimo imibereho."

Murenzi yagaragaje zimwe mu mbogamizi bagihura na zo, zirimo kuba mu gihe cy'Impeshyi ubwatsi bukakara kuko nta buryo bwo kuhira bafite, kutagira imashini zizinga ubwatsi. Yagize ati: "Turahinga ni byiza, urubyiruko rwabonye akazi, ikidukoma mu nkokora ni uko tudafite uburyo bwo kuhira, tukaba dusaba Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) kubidufashamo ngo umusaruro uhorero. Indi mbogamizi ni uko twafashwa kubona imashini zo kuzinga ubwatsi, ubushize twakoresheje izavaga i Gabiro bikaba bihenze. Twifuza ko Hegitari zakwiyongera zikaba zagera ku 100."

Agaruka ku yindi mishinga bafite, ni uko barimo gushakisha uko batangira kwikorera ifumbire, Korora inka hagamijwe kuzamura umusaruro w'ubwatsi, umworozi waje kugura ubwatsi akahabona ibigaragara, bakabereka amatungo aburya.

ntajye abura ubwatsi. Yagize ati: "Akazi nabonye hano kamfasha kwikenura, kandi ntekereza ko nanjye nzagera aho ngahinga ubu bwatsi, nkajya mbona amafaranga ndetse nkanorora, amatungo yanjye ntabure ubwatsi."

Umufashamyumvire mu bworozi bw'inka zitanga umukamo mu mushinga RDDP 2, ukorana n'urubyiruko, ruhinga ubwatsi bw'amatungo butanga umukamo mu Murenge wa Mwiri, Murekatete Jacqueline na we ahamya ko ubwatsi bukiri buke, ko na we nubwo abuhinga ariko muri rusange isoko ribukeneye ari rigari, agashishikariza by'umwihariko urubyiruko kugana ubuhinzi n'ubworozi.

Yagize ati: "Ubwatsi buracyari buke kandi bufite amafaranga ku buryo nanjye mbona ko nakongera kubaka inzu nziza.

Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere ka Kayonza, Hategekimana Fred, ashima ko umushinga RDDP wafashije urubyiruko kugira imyumvire yo kwiteza imbere, akarusaba kubyaza umusaruro ayo mahirwe begerejwe.

Ati: "RDDP yatanze ubwatsi, bizagabanya imbogamizi z'ubwatsi bw'amatungo, byatanze akazi kandi harimo no gukundisha urubyiruko ibikorwa by'ubworozi. Mubyaze umusaruro amahirwe Igihugu cyabahaye."

Yavuze ko mu guhangana n'ibihe by'izuba hakifashishwa 'Dam Sheet' kugira ngo bajye buhira, ubwatsi bwe kubura n'amatungo abone amazi, kuko inka yabonye ubwatsi ikabona amazi, bituma nibura hafi 60 by'amazi



Urubyiruko ruhinga ubwatsi bw'amatungo rufite gahunda yo kongera ubuso bukagera kuri Hegitari 100

Umwe mu babonye akazi mu kwita kuri ubwo bwatsi, Kabera Joseph yavuze ko byamufashije kwiteza imbere kandi ko amafaranga ahembwa na we azamufasha kuba yatera ubwatsi, akanoza ubworozi, ubuso bw'aho mbuhinga, bitewe nuko ubwatsi bukungahaye ku ntungamubiri ziboneka mu binyampeke n'ibinyamisogwe, bwongera umukamo." Avuga ko ubushobozi yakuye mu bwatsi bwamushoboje bifasha mu kuzamura umukamo.

Hategekimana Fred yavuze ko Akarere kazakomeza kuganira n'abafatanyabikorwa, mu gushakira ibisubizo imbogamizi zikigaragara.

# Gakenke: Yinjiza miliyoni 3 Frw buri kwezi abikesha ubworozi bw'inkoko

NGABOYABAHIZI Protais

***Nsanzubuhoro Claudien wo mu Kagari ka Kagoma, Umurenge wa Gakenke, yavuye ku bworozi bw'inkoko 150 yatangiye mu 2010, ubu ageze ku nkoko 6 000 zimwinjiriza miliyoni 3 Frw buri kwezi nyuma yo gukuramo ibikenerwa byose. Uretse kwiteza imbere, ibikorwa bye byatanze akazi ku baturage bagera kuri 20, bamwe muri bo bakaba bamaze gutangiza imishinga yabo y'ubworozi bamwigana.***



Ubworozi bw'inkoko bumwinjiriza miliyoni 3 Frw buri kwezi



Nsanzubuhoro asarura amagi asaga 2 000 ku munsi

Uyu mugabo avuga ko urugendo rwe rwatangiye mu mwaka wa 2010, ubwo yari amaze guhabwa inka muri gahunda ya Girinka Munyarwanda. Iyo nka yaje kubyara, amafaranga yavuyemo ayashora mu mushinga muto wo korora inkoko 150, atangira urugendo rwamuhinduriye ubuzima.

Icyo gihe yakoraga mu ibagiro ahembwa amafaranga ibihumbi 20 ku kwezi, amafaranga avuga ko atari ahagije kugira ngo atere imbere cyangwa yite ku muryango we nk'uko yabyifuzaga.

Yagize ati: "Natangiye korora inkoko nkeya. Zampaga amagi n'ifumbire. Mu kwezi nabonaga nibura amafaranga agera ku bihumbi 200 ku ifumbire. Byatumye mbona ko ubworozi bushobora kuba isoko y'iterambere ryanjye, mpitamo kubushyiramo imbaraga nyinshi."

Nsanzubuhoro avuga ko inyungu ya mbere yabonye atari amafaranga gusa, ahubwo ko ifumbire y'inkoko n'iy'inka byamufashije kongera umusaruro ku butaka yari afite.

Yatangiye gufumbira imirima ye, umusaruro urazamuka, amafaranga avuyemo ayashora mu kugura andi masambu. Kuri ubu avuga ko ubutaka afite bufite agaciro karenga miliyoni 20 Frw.

Yagize ati: "Ifumbire y'amatungo yatumye umusaruro wanjye uzamuka cyane. Amafaranga navanagamo ni yo yatumye ngura indi mirima, nkomeza kwagura ibikorwa byanjye."

Uyu munsi Nsanzubuhoro ageze ku nkoko zisaga 6 000 zitera amagi, avuga ko ku munsi abona amagi agera ku 2 100, bivuze amagi 14 700 mu cyumweru cyangwa agera ku 58 800 mu kwezi. Ibi bituma amafaranga yinjiza ava ku musaruro w'amagi agera kuri miliyoni 8,8 Frw buri kwezi.

Nubwo hari amafaranga menshi agenda ku biryo by'inkoko, imiti n'imishahara y'abakozi, avuga ko nyuma yo gukuramo ibyo byose asigarana inyungu itari munsi ya miliyoni eshatu buri kwezi zirenga.

Yagize ati: "Ubworozi bw'inkoko burunguka. Nubwo ibiryo byazo bihenze, umuntu ubukora neza ntabwo yicwa n'inzara. Butuma anoza imirire y'umuryango we kandi agasagurira amasoko."

Kubera inyungu yakuye muri uyu mushinga, yongeye gushora mu bindi bikorwa birimo ubworozi bw'inka n'ingurube.

Kuri ubu afite inka 32 n'izindi ngurube nyinshi, ibintu avuga ko bikomeje kumwongerera ubushobozi bwo gushora imari no kugura ubutaka.

Uretse kwiteza imbere, ibikorwa bya Nsanzubuhoro byabaye isoko y'akazi ku baturage benshi bo mu gace atuyemo.

Kuri ubu akoresha abakozi bagera kuri 20 bahoraho bamufasha mu kwita ku nkoko, inka n'ibindi bikorwa by'ubworozi.

Irivuzimana Julienne, umwe mu bamaze imyaka umunani bakorana na we, avuga ko umushahara ahembwa n'amasomo yakuye kuri umukoresha we byamufashije gutangira urugendo rwo kwiteza imbere.

Yagize ati: "Mfite umushahara w'ibihumbi 70 buri kwezi. Kubera kwizigama no gukorera mu matsinda yo kubitsa no kugurizanya, naguze inka ifite agaciro k'ibihumbi 800. Mfite kandi ingurube ebyiri n'inkoko zitera zigera ku 10. Nanjye mfite intego yo kuzorora inkoko nk'uyu mukoresha wanjye."

Irivuzimana yongeraho ko na we kandi ibikorwa bye byageze aho biha akazi undi mushumba wita ku matungo ye na we ahemba ibumbi 20.

Sekamana Martin umaze imyaka ine akorana na Nsanzubuhoro, avuga ko yamubereye ishuri ry'ubucuruzi n'iterambere.

Yagize ati: "Nabonye ko bishoboka. Natangiye korora ingurube nke, ubu ngeze ku ngurube eshanu. Amafaranga nkura ku kazi no kwizigama byamfashije kwita ku muryango no gutegura ejo hazaza h'abana banjye."

Nsanzubuhoro asoza asaba urubyiruko n'abandi baturage kudatinya gushora imari mu buhinzi n'ubworozi, kuko ari urwego rutanga ibiribwa, akazi n'amafaranga.

Yagize ati : "Abana banjye biga mu mashuri meza. Nshobora kubishyurira ishuri no kubitaho neza mbikesha ubworozi. Nize ko ubuhinzi n'ubworozi ari banki itajya ihomba iyo ubikoze kinyamwuga."

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, avuga ko abaturage nka Nsanzubuhoro bagaragaza neza ko gahunda za Leta zigamije guteza imbere abaturage zitanga umusaruro iyo zifashwe neza kandi zigashyirwamo umurava.

Avuga ko guhuza ubworozi n'ubuhinzi ari imwe mu nkingi zituma abaturage babasha kongera umusaruro no kwiteza imbere mu buryo burambye.

Yagize ati : "Dushimira abaturage bafata amahirwe bahawe bakayabyaza umusaruro. Urugero rwa Nsanzubuhoro rugaragaza ko ubworozi bushobora kuba umusingi ukomeye w'iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu. Turamushishikariza gukomeza gushinganisha ubuhinzi n'ubworozi, kandi n'abandi baturage bakamwigiraho."

Ku kibazo cy'ibiryo by'amatungo bihenze bikomeje kugarukwaho n'aborozi, Umuyobozi w'Akarere avuga ko hari gahunda yo gukomeza guteza imbere inganda zitunganya ibiryo by'amatungo kugira ngo ikiguzi kigabanyuke, bityo ubworozi burusheho kunguka.

Urugendo rwa Nsanzubuhoro ruva ku nka imwe ya Girinka rukagera ku mushinga munini w'inkoko ibihumbi 6 000, inka 32 n'abakozi 20, ni gihamya ko gahunda ziteza imbere abaturage zishobora kubyara impinduka zikomeye iyo zihujwe n'umurava, kwizigama no gukoresha neza amahirwe abaturage bahabwa.

# Nyagatare: Abaturage bahawe amazi meza baruhuka kuvoma ibiziba



Abaturage bagejejweho amazi bahamya ko byabahinduriye ubuzima, batakivoma ibirohwa

HITIMANAA SERVAND

***Bamwe mu baturage bo mu Karere ka Nyagatare bagejejweho amazi meza nyuma y'imyaka myinshi bavoma amazi y'ibiziba n'andi yanduye, bavuga ko kubona amazi meza byahinduye imibereho yabo, bikabafasha kwirinda indwara ziterwa n'umwanda no kugabanya umwanya munini batakazaga bajya gushaka amazi meza kure.***

Mu bihe bitandukanye, abaturage bo muri aka Karere bagiye bagaragaza ikibazo cy'ibura ry'amazi meza, bavuga ko byabateraga ingorane zirimo amazi mabi ndetse rimwe na rimwe bakayagura ku giciro kiri hejuru.

Mu Kwakira 2024, Methode John wo mu Mudugudu wa Mugari, Akagari ka Nyagatare mu Murenge wa Nyagatare, yabwiye Imvaho Nshya ko ubuzima bwari bwari bubakomereye nyuma y'uko iriba ryifashishaga imirasire y'izuba ribaha amazi ryangiritse.

Icyo gihe yagize ati: "Aya si amazi ahubwo ni ukubura uko tugira. Twavomaga mu biziba kandi tukayakoresha mu buzima bwa buri munsi, harimo no kuyanywa. Twari tumaze igihe kirenga umwaka tudafite amazi meza."

Kuri ubu, ibikorwa byo kubaka no gusana imiyoboro y'amazi byatumye abaturage bongera kubona amazi meza hafi yabo. Methode avuga ko ubuzima bwabo bwahindutse cyane.

Ati: "Uyu munsi turyohewe no gukoresha amazi meza. Turamesa imyenda igacya, tukiyuhagira amazi meza kandi tukanywa amazi yizewe. Twaruhutse ingendo ndende zo gushaka amazi ndetse n'ibibazo by'isuku nke twaterwaga no kuyabura."

Mukakibi Devotha na we avuga ko kubona amazi meza byagize uruhare rukomeye mu kuzamura imibereho y'umuryango we. Ati: "Hari ibibazo byinshi byakemutse. Abana bajyaga batinda kugera ku ishuri kubera kujya kuvoma, kandi amazi mabi yaduteraga indwara zitandukanye. Ubu dukoresha amazi meza kandi abana ntibakirwara inzoka za hato na hato nk'uko byahoze."

Imbaraga zikomeje gushyirwa mu kugeza amazi ku baturage

Ibikorwa byo kugeza amazi meza ku baturage bikomeje gushyirwamo imbaraga ku bufatanye bw'Akarere ka Nyagatare, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amazi, Isuku n'Isukura (WASAC) n'umushinga Isoko y'Ubuzima.

Umuyobozi wa WASAC ishami rya Nyagatare, Munyaneza Eric, yavuze ko hari imishinga myinshi ikomeje gushyirwa mu bikorwa hagamijwe kugeza amazi meza ku baturage bose.

Yagize ati: "Amazi ni ubuzima. Dukomeje gukora ibishoboka byose kugira ngo serivisi z'amazi meza kandi hafi zigere ku baturage benshi. Turasaba kandi abaturage gufata neza ibikorwa remezo by'amazi kugira ngo bidakomeza kwangirika."

Yagaragaje ko mu myaka itatu ishize abaturage barenga ibihumbi 31 bagejejweho amazi meza muri aka karere.

Mu myaka itanu ishize kandi, abaturage basaga ibihumbi 22 bo muri Nyagatare bagejejweho amazi binyuze mu mushinga Isoko y'Ubuzima washyizwe mu bikorwa ku bufatanye na Water For People ku nkunga ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Umuyobozi w'umushinga Isoko y'Ubuzima, Eugene Dusingizumuremyi, yavuze ko intego yawo ari uguteza imbere serivisi z'amazi n'isuku ku baturage benshi bashoboka.

Ati: "Mu myaka itanu ishize twakoranye n'uturere 10, harimo na Nyagatare, tugamije kunoza serivisi z'amazi n'isuku. Twafashije abaturage benshi kubona amazi meza, tunatanga ubufasha mu gutegura igishushanyombonera kizafasha Akarere ka Nyagatare gukomeza gukemura ibibazo by'amazi mu gihe kiri imbere."

Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere ka Nyagatare, Kakooza Henry, yavuze ko bishimira intambwe imaze guterwa mu kugeza amazi meza ku baturage, anashimira abafatanyabikorwa bagira uruhare muri iyo gahunda.

Ati: "Turashimira abafasha mu guhindura imibereho y'abaturage bacu babagezaho amazi meza. Hari aho ataragera, ariko abaturage baho bafite icyizere kuko hari imishinga minini iri gutegurwa izarushaho gukemura ikibazo cy'amazi mu karere."

Yavuze ko imishinga irimo uwa Muvumba n'uwa Ngoma izafasha gutanga amazi ku buryo abaturage benshi bazabasha kuyageraho mu myaka iri imbere.

Muri rusange, umushinga Isoko y'Ubuzima wafashije abaturage 143 329 kubona amazi meza mu turere wakoreyemo, mu gihe abarenga 225 000 bungukiye ku iyongerwa ry'ubuziranenge bwa serivisi z'amazi zari zisanzwe zihari.

Kugeza ubu, abaturage bagera kuri 78% bo mu Karere ka Nyagatare bamaze kugerwaho n'amazi meza, mu gihe ubuyobozi buvuga ko bukomeje ibikorwa byo kugeza ayo mazi no ku batarayagezwaho.

# Nyanza: Airtel Rwanda yibutse Jenoside yakorewe Abatutsi yoroza inka imiryango 15

BYUKUSENGE Annonciata

***Ikigo cy'Itumanaho Airtel Rwanda cyibutse ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, akaba ari igikorwa cyabereye mu Karere ka Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo aho cyoroje inka imiryango 15 mu rwego kubafasha kwiteza imbere.***

Iki gikorwa cyabaye ku wa Gatanu tariki ya 26 Kamena 2026, aho Airtel Rwanda yari yagiye mu gikorwa cyo kunamira no guha icyubahiro imibiri isaga ibihumbi 30 iruhukiye mu Rwibutso rwa Nyanza, hanashyirwa indabo ku mva mu rwego rwo kubaha icyubahiro.

Abayobozi n'abakozi ba Airtel Rwanda basobanuriwe amateka yaranze ubuyobozi bubi bwagejeje igihugu kuri Jenoside, by'umwihariko berekwa ubukana yakoranwe mu Karere ka Nyanza. Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza Kajyambere Patrick yavuze ko Akarere ka Nyanza kahoze ari kanini kandi hihariye kuko hahoze ari i Bwami.

Ati: "Ubutegetsi bwariho icyo gihe bwafashe Nyanza buyigabanyamo kabiri, igice kimwe kijya ku cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama, ikindi gishyirwa ku cyahoze ari Perefegitura ya Butare. Byakozwe mu rwego rwo gutatanya imbaraga z'Abanyenyanza no kubaca intege, ari na yo mpamvu Jenoside yakoranywe ubukana muri Nyanza." Akomeza avuga ko mu Karere ka Nyanza, mu gihe cy'iminsi 40 hishwe Abatutsi basaga ibihumbi 130.

Umuyobozi wa Airtel Rwanda, Sujay Chakrabarti, yavuze ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ari inshingano za buri wese. Ati: "Ni uguha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi no kwifatanya n'abayirokotse tubafata mu mugongo kuko ntabwo ari igikorwa cy'uwarokotse gusa, ahubwo ni isomo kuri buri wese kugira ngo Jenoside itazongera ukundi. Twubake ejo hazaza twimakaze ubumwe bw'Abanyarwanda."

Imiryango 15 y'abarokotse Jenoside batishoboye borojwe inka

Imiryango 15 yo mu Mirenge ya Ntyazo, Cyabakamyi na Nyagisozi, yashimiye Airtel Rwanda yatekereje kuboroza inka kuko ari intangiriro y'imibereho myiza babahaye.

Niyonsaba Athanasie ni umwe mu borojwe inka. Avuga ko yari asanzwe abayeho ubuzima bumugoye kubera kutorora, ariko ubu imibereho igiye guhinduka.

Ati: "Ndashimira abagiraneza ba Airtel badutekereje kutworoza inka. Imibereho igiye guhinduka kuko najyaga neza ari uko naguze ifumbire, naba ntabonye amafaranga yo kuyigura simbone umusaruro, ariko inka igiye kujya impa ifumbire ntayiguze kuko ifumbire nke nabashaga kugura n'iy'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 20."

Akomeza avuga ko uretse kuba umusaruro uziyongera atongeye gutanga amafaranga y'ikirenga, amata na yo agiye kujya ayanywa n'abana atayaguze.

Ati: "Ntabwo nzogera kugura amata kuko abana bayanywaga ari uko nayaguze. Iyo nabaga ntabonye amafaranga, n'ukwezi kwashoboraga gushira batarayanywa kuko litilo imwe igura amafanga 400. Ariko ubu bazajya bayanywa bihaze ndetse mbone n'amafaranga."

Hagabimana Eugene we avuga ko igicaniro cyari cyarazimye, ariko ubu ntikizongera kuzima kuko yongeye kuba umworozi. Ati: "Mbere ya Jenoside nahoze noroye, ariko nyuma ntabwo nongeye kugira amahirwe yo korora kubera amikoro make kandi inka irahenze. Ngiye

KOMEZA KU RUP.17

# Nyanza: Airtel Rwanda yibutse Jenoside yakorewe Abatutsi yoroza inka imiryango 15


IBIKURIKIRA URUP.16

kongera kunywa amata n'abana bagiye kugira imibereho myiza kuko inka ni ubukire."

Umuyobozi muri Airtel Rwanda ushinzwe Airtel Money, Gaga Jean Claude yavuze ko batekereje koroza abarokotse Jenoside kuko ari gahunda yatangijwe n'Umukuru w'Igihugu ya Girinka Munyarwanda kandi bagomba gukomeza kuyishyigikira.

Ati: "Twifatanyije n'Akarere ka Nyanza ngo turemere imiryango y'abarokotse itishoboye. Twaremeye imiryango 15. Tuzakomeza gufatanya na Leta kuzamura imibereho myiza y'abarokotse Jenoside."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa IBUKA Ahishakiye Naphtali, yashimiye Airtel Rwanda ku bwo gutekereza koroza abarokotse Jenoside batishoboye kuko ari ikimenyetso cyo guhindura imibereho.



Umuyobozi wa Airtel Rwanda Sujay Chakrabarti yashyize indabo ku mva mu rwego rwo kunamira imibiri isaga ibihumbi 30 iruhukiye muri urwo rwibutso

Ati: "Aba 15 mworoje inka ubu bavuye mu cyiciro cy'abakene kuko inka ni ubukire. Ni intambwe ikomeye mwateye kandi aba mwaremeye mubahaye intangiriro y'ubukire kuko uworoye inka ava mu kiciro akajya mu kindi."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Madamu Kayitesi Nadine, na we yashimiye Airtel Rwanda kuko ari umufatanyabikorwa mu iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage.

Ati: "Dutewe ishema no kwishimana n'aba borojwe. Ni ikimenyetso gikomeye cy'ubukire n'icyizere kandi bisobanuye kumubwira ko atari wenyine. Mwatanze ubuzima bushya, amata, ifumbire kandi bizagera no kubazavuka mu gihe kizaza." Akomeza avuga ko batanze icyizere cy'ubuzima n'ubumuntu.

Ati: "Dukomeze gushimangira igihango tugiranye na Airtel kandi turabizeza kuzafata neza. Mwahaye uwarokotse kugira ngo yiyubake kandi mwahaye u Rwanda."

---

**HABIMANAA Eric**

# Ruhango: Polisi yasabye abakora mu mabagiro kwirinda ubujura bw'amatungo

***Polisi y'u Rwanda ikorera mu Ntara y'Amajyepfo yasabye abakora mu mabagiro n'abaturage bo mu Karere ka Ruhango kurushaho gukaza ingamba zo kwirinda ubujura bw'amatungo hibandwa cyane ku kugenzura ibyangombwa byayo mbere yo kuyabaga no gutanga amakuru mu gihe hagaragaye itungo ricyekwaho kwibwa.***

Abaturage n´abafite amabagiro mu Karere ka Ruhango baributswa ko ubujura bw'amatungo bugira ingaruka zikomeye ku mibereho y'aborozi ndetse no ku bukungu bw'imiryango, bityo ko gukaza igenzura no kubahiriza amategeko ari imwe mu nzira zafasha kubukumira.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Amajyepfo, CIP Hassan Kamanzi, yavuze ko hari igihe amatungo yibwe ashobora kujyanwa kubagirwa mu mabagiro, ashimangira ko abakorayo bafite uruhare rukomeye mu kuburizamo ayo mayeri binyuze mu kugenzura ibyangombwa no gukorana bya hafi n'inzego zibishinzwe.

Yagize ati: "Byagaragaye ko mu mabagiro ari hamwe mu hashobora kugana amatungo yibwe. Abakorera mu mabagiro turabibutsa uruhare rwabo mu gukumira no guhagarika ubujura bw'amatungo bagenzura ibyangombwa no gukorana n'inzego zitandukanye mu guhangana n'icyo kibazo."




Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y´Amajyepfo, CIP Hassan Kamanzi yasabye abafite amabagiro kwirinda ubujura bw´amatungo

Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Mukangenzi Alphonsine yavuze ko amabagiro ashobora kwakira amatungo yibwe igihe igenzura ritakozwe neza, asaba abayakoramo kurushaho kwitwararika no kubahiriza ibisabwa n'amategeko.

Ati: "Ku mabagiro hari igihe hashobora kwakirwa amatungo yibwe, ni ngombwa ko abakoramo basuzuma neza ibyangombwa by'amatungo bagiye kubaga mbere yo kuyabaga kuko kutabyubahiriza bishobora kubakururira ibihano biteganywa n'amategeko."

Yakomeje avuga ko ubuyobozi bw'Akarere bufatanyije na Polisi n'izindi nzego buzakomeza ibikorwa byo gukangurira abaturage n'abakora mu mabagiro kubahiriza amategeko hagamijwe kurinda umutungo w'abaturage no guca intege abishora mu bujura.

Umuyobozi w'ibagiro ry'Akarere ka Ruhango, Mbaga Daniel, yavuze ko mbere hari abantu bazanaga amatungo badafite ibyangombwa cyangwa bafite ibitujuje ibisabwa, ibintu byashyiraga mu kaga abakora mu ibagiro.

Yagize ati: "Hari abaza bashaka kubaga amatungo badafite ibyangombwa cyangwa bafite ibitujuje ibisabwa, twe nk'abakora mu ibagiro rero ni yo mpamvu twiyemeje gukaza igenzura no gutanga amakuru igihe tubonye ibintu bidakurikije amategeko."

Abakora mu mabagiro bavuga ko nyuma yaho bibubukijwe inshingano bafite mu kurinda ko amatungo yibwe yinjira mu mabagiro, ndetse ngo bakaba bagiye kurushaho gukorana n'inzego z'umutekano mu gutanga amakuru yihuse igihe hari ibikekwa.

Polisi y'u Rwanda yibutsa abaturage ko kurwanya ubujura bw'amatungo ari inshingano za buri wese, ibasaba gukomeza gukorana n'inzego z'umutekano batanga amakuru ku gihe, kuko ari bwo buryo bwizewe bwo kurinda umutungo w'abaturage no gukumira ibyaha bitaraba.

# Nyagatare: Kwiyongera kw'amashyamba byazahuye ubuvumvu



Abavumvu bafite imizinga ya kijyambere igera kuri 60%

HITIMANA Servand

***Abavumvu bakorera mu Karere ka Nyagatare mu Murenge wa Rwimiyaga, Akagari ka Karushuga bahamya ko kwiyongera kw'amashyamba mu gace bakoreramo byazahuye ubuvumvu bwabo bwari mu marembera.***

Abo bavumvu bavuga ko batangiye uyu mwuga mu mwaka wa 2016 bibumbira muri koperative, ariko bakajya bahura n'ibibazo byo gucikisha inzuki kubera imbogamizi zirimo no kubura aho zihova.

Mukeshimana Nadia yavuze ko hataraterwa amashyamba inzuki zitabonaga aho zihova bagatekereza kuba bareka ubwo bworozi.

Agira ati: "Aya mashyamba ataraterwa twari tugiye kubivamo kuko twabonaga inaha hatakorerwa ubuvumvu ngo bwungure ababukora. Nyamara uyu munsi hari itandukaniro kuko nubwo tutaragera kuri byinshi ariko nibura buri gihembwe tubona umusaruro twizera ko uzarushaho kwiyongera uko aya mashyamba akura akaniyongera kuko natwe twakanguriwe kuyatera. Ejobundi buri munyamuryango yahawe ibihumbi 30 bivuye mu buki twagurishije kandi twanizigamiye."

Habimana avuga ko iterwa ry'amashyamba aho batuye ryabaye igisubizo ku bworozi bwabo bw'inzuki. Ati: "Mu biti byatewe inaha harimo n'ibyo inzuki zifashisha mu guhova. Mu nyungu twagize ni uko inzuki zacaga zigahita ziyambukira muri Tanzania, ubu ntizikigenda kuko zibona aho zihova. Ikindi ubuki buragwira tugahakura kuko ziba zitakoze urugendo rurerure zijya guhova, zihova muri aya mashyamba zikabona amazi hafi mu mugezi w'Akagera bigatuma nazo ziduha umusaruro."

Avuga ko mbere bitashobokaga ko ubuvumvu bwabo butera imbere biturutse ku kirere cyaho bakorera cyari nko mu butayu. Ati: "Twatangiye dufite ishyaka turagika yemwe n'inzuki zijyamo. Gusa ntacyo twakuragamo kubera ko zitabonaga aho guhova hafi. Ibi byanatumaga imizinga yacu usanga inzuki zaciye (zavuyemo zikagenda) ku buryo byaducaga intege cyane."

Mukamuhire Solange uyobora iyo koperative y'abavumvu, KOTEKA yagize ati: "Twatangiye koperative y'ubuvumvu tugamije kwiteza imbere. Gusa ibicantege byagiye biba byinshi biturutse ku zuba ryinshi riba inaha ryasangaga imisozi nta giti kiyiriho bityo n'inzuki zikabura aho zihova na zo ubwazo zigasonza. Ibi byatumaga nta buki tubona ugasanga dukorera mu gihombo."

Yongeyeho ati: "Kuva mu 2022 inaha hatangiye guterwa ibiti ndetse ubu ubona ko imisozi yose iriho amashyamba. Byagize impinduka ku bworozi bwacu bw'inzuki aho zatangiye kuduha ubuki ndetse ntizongera guca, byatumye ubuvumvu tubuha umwanya ku buryo imizinga ya gakondo twari dufite twongereyeho n'imizinga ya kijyambere igera ku 100. Ubu turi gukora kinyamwuga kandi tubukunze."

Ati: "Uyu munsi dufite imizinga 40 ya gakondo idufasha cyane mu gukurura inzuki ndetse tukagira n'imizinga 100 twororeramo mu buryo bwa kijyambere bikaduha umusaruro. Ubwo duheruka guhakura twabashije kubona ibilo bigera kuri 40 dukuramo amafaranga y'u Rwanda 240 000 kuko ikilo kigura 6 000 Frw. Ni ubuki tutari twarigeze tubona muri ya myaka nababwiye aho n'inzuki zacu zitabonaga ibizitunga. Turizigama, tukanikenura mu ngo zacu."

Aba bavumvu bavuga ko aho muri ako gace hatangiriye gahunda yo kongera abunga.

Ati: "Abo bavumvu bari mu bari kubyaza umusaruro iyi gahunda yo kongera amashyamba mu Karere kacu. Ubona ko ubundi ubuvumvu ari ubworozi butagorana aho wagika umuzinga ukazasubirayo ugiye guhakura, utasabwe kugaburira amatungo yawe, ubwo ni inzuki, utayuhiye n'ibindi. Ubwo rero icyo tubasaba ni ukubungabunga ibidukikije bita kuri aya mashyamba aterwa na Leta ndetse na bo aho bishoboka bakayongera kugira ngo babungabunge izi nyungu zabo, ariko banibuke ko bigira impinduka ku mibereho isanzwe ya muntu."

Abagize iyo koperative y'abavumvu bagaragaza ko bari gutera intambwe muri uyu mwuga aho kuri ubu bamaze



Mukamuhire Solange uyobora abavumvu muri Karushuga avuga ko uyu mwuga ari ingenzi kuri bo

amashyamba ubu ubuvumvu bwabo bwazahutse ndetse bakaba baratangiye kubona umusaruro.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu Matsiko Gonzague asaba abo bavumvu kuzirikana akamaro k'amashyamba ku mwuga wabo no mu mibereho yabo isanzwe bakajya bayabungkugira ibikoresho bya kijyambere bibafasha mu guhakura no gutunganya ubuki mu rwego rwo kubungabunga ubuziranenge bw'ubuki.

Abanyamuryango ba KOTEKA bagizwe n'abagore 14 n'abagabo 7, bavuga ko iyo ibihe byagenze neza bashobora guhakura mu gihe cy'amezi atatu.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**AKARERE KA MUHANGA**

**ACEJ/KARAMA TSS**

**TEL: 0788607924, 0788760106 & 0788607912.**

**ITANGAZO RY'AMASOKO MURI ACEJ KARAMA TSS**

Ubuyobozi bw'ikigo cy' amashuli cya ACEJ/KARAMA TSS giherereye mu ntara y'Amajyepfo, Akarere ka Muhanga, Umurenge wa Muhanga ku bufatanye n'akanama gashinzwe gutanga amasoko muri icyo kigo, burifuza gutanga amasoko ku bantu ku giti cyabo, amasosiyete cyangwa amakoperative, yujuje ibisabwa mu gupiganira amasoko ya Leta mu Rwanda. Uko amasoko ateye:

**INYITO Y'AMASOKOSOKO:**

1. **Isoko Nº: 01/G/OCB/ACEJ.KA/2026-2027:** Isoko ryo kugemura ibiryo muri ACEJ/KARAMA TSS mu gihembwe cya mbere (1) mu mwaka w' amashuli wa 2026-2027.
2. **Isoko Nº: 02/G/OCB/ACEJ.KA/2026-2027:** Isoko ryo kugemura inkwi mu gihembwe cya mbere mu mwaka w'amashuli wa 2026-2027
3. **Isoko Nº: 03/G/OCB/ACEJ.KA/2026-2027:** Isoko ryo kugemura impuzankano y'abanyeshuli (Uniform) mu kigo cya ACEJ KARAMA TSS

Abifuza gupiganira rimwe muri aya masoko, bagomba gufata igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa (cahier de charge/ DAO) mu biro by'umucungamutungo w'ishuri rya ACEJ/KARAMA TSS, bamaze kwerekana urupapuro (bordereau) rwa Banki bishyuriyeho amafaranga (10,000Frw) y'igitabo adasubizwa, kuri konti NO: **100000396898** iri muri Banki ya Kigali(bk) cyangwa NO: **436317661010157**, iri muri banki y'abaturage y'u Rwanda (BPR), y' ishuri rya ACEJ/KARAM TSS.

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa biboneka mu biro by'umucungamutungo w'ishuli guhera ku wa 29/06/2026 kugeza ku wa 24/07/2026, mu masaha y'akazi.

Amadosiye asaba gupiganira amasoko azagezwa mu biro by' umucungamutungo wa ACEJ/KARAMA TSS bitarenze tariki ya 24/07/2026, saa yine n'iminota mirongo itatu (**10h30**).

Gufungura amabahasha y'abapiganira isoko bizaba mu ruhame tariki ya **24/07/2026** saa tanu zuzuye (**11h00**), muri ACEJ/KARAMATSS.

**Icyitonderwa :** Buri soko rifite igitabo cyihariye. Uwifuza gupiganira amasoko arenze rimwe agomba kwerekana bordereau kuri buri gitabo yifuza kugura.

Bikorewe i Muhanga, ku wa 22/06/2026

**BISANGABAGABO Youssouf**

Umuyobozi w'ishuli rya ACEJ/KARAMA TSS

## ITANGAZO RY'ISOKO

*IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI*
*FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES*
*NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS*

**TENDER NOTICE**

The National Consultative Forum of Political Organizations (NFPO) hereby invites all eligible bidders to submit their bids for the following tenders:

| *Nº* | *Title of Tenders* | *Tender reference* | *Contract Period* | *Type of documents and its availability* | *Submission Deadline* |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Tender for Hotel Services in Kigali, Eastern and Western Province | 002/NFPO/NCB/S/2026-2027 | One year renewable twice | Bidding document 25/6/2026 | 16/07/2026 |
| 2 | Tender for Supplying Tea break consumables and cleaning services items | 001/NFPO/NCB/G/2026-2027 | One year renewable twice | Bidding document 25/6/2026 | 16/07/2026 |
| 3 | Tender for print services of NFPO promotional materials | 004/NFPO/NCB/S/2026-2027 | One year renewable twice | Bidding document 25/6/2026 | 16/07/2026 |
| 4 | Tender for Audit services of NFPO | 005/NFPO/NCB/S/2026-2027 | One year renewable twice | Bidding document 25/6/2026 | 16/07/2026 |
| 5 | Tender for construction of modern kitchen and water installation | 003/NFPO/NCB/S/2026-2027 | 7 days | Bidding document 25/6/2026 | 16/07/2026 |

The Tender Documents can be obtained from the Executive Secretariat of the National Consultative Forum of Political Organizations, located at Kigali, KG 563st Kacyiru, Golf View Rise Building, Ground Floor ; Tel: 0788431448 by presenting a prepaid bank slip of a non-refundable ten thousand Rwandan Francs (10.000Rfws) for one each Tender Document paid to the account nº 1000017945 of National Consultative Forum of Political Organizations (NFPO) opened at the National Bank of Rwanda (BNR), from 25th June, 2026, on any working days from 9:00 AM to 5:00 PM.

Bid documents (two separate envelops each marked accordingly to what it contains, presented in four (4) copies one of which is the original) must be submitted to the Executive Secretary of the National Consultative Forum of Political Organizations on the above-mentioned address not later than 16th July 2026 at 10:00 AM prompt, local time.

The opening ceremony of the submitted bids will be held at 10: 10AM in the conference room of the National Consultative Forum of Political Organizations on 16th July 2026.

Done at Kigali, on June 24th 2026

**GISAGARA Theoneste**
**Executive Secretary**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y' UBUREZI

ECOLE SECONDAIRE MUBUGA

B.P: 57 KIBUYE

TEL 0783268693

E-mail: esmubuga1962@ymail.com

ITANGAZO RY'AMASOKO No 01/2026-2027/FR/ES MUBUGA

Ubuyobozi bw' ishuri ryisumbuye rya Mubuga, bufatanyije n'akanama gashinzwe gutanga amasoko muri iryo shuri, buramenyesha ba Rwiyemezamirimo n'amakoperative babifitiye ibyangombwa, babishaka kandi babishoboye ko bushaka gutanga isoko ry'ibiribwa,inkwi n'ibinyobwa binyuranye,ibikoresho byo mu biro n' iby'imfashanyigisho, ibikoresho byo mu gikoni n' iby'isuku, ibikoresho by'ubwubatsi, amazi n'amashanyarazi byo ishuri ry'isumbuye rya MUBUGA. Iri soko ni iry'igihembwe cya mbere,icya kabiri n'icya gatatu by'umwaka w'amamashuri 2026-2027; Ibikenewe bigaragara mu ma LOT 8; nk'uko muzabisanga muri DAO. Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa muragisanga mu biro by' ubunyamabanga bw'ishuri kuva ku wa 03nyakanga 2026 guhera saa tatu(9h00') kugeza saa kumi nimwe (17:00) mu minsi y'akazi. Ibitabo bikubiyemo ibiciro bizagezwa mu biro by' ubunyamabanga bw'ishuri bitarenze 03 kanama 2026 saa tatu (09h00) zuzuye. Gufungura inyandiko mu ruhame ni ku wa 03 kanama 2026 saa tatu n'igice (09h30) zuzuye, ku cyicaro cy' ishuri.

Buri wese mubifuza gupigana yishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000frw) adasubizwa yo kugura igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa, kuri compte y' ishuri N0507364457910138 iri muri Banki y'Abaturage(Bpr)cyangwa No 214/108008/1/5118/0 iri muri G.T Bank cg 148640 U-SACCO.

Bikorewe ku Mubuga kuwa 24 kamena 2026

Padiri NIYONSENGA Jean de Dieu Umuyobozi w' ishuri.

## ITANGAZO RY'ISOKO

**UR - HG Ltd**
*University of Rwanda-Holdings Group Ltd*

**TENDER NOTICE**

**Title of tender: Renovation works for the laboratory and sterilization room on behalf of UR-HG LTD(Re-advertised)**

**Tender N0 05/W/2026/NCB/ UR-HG LTD**
**Source of funding: Generated Income**

UR-HG Ltd is a private limited company owned by University of Rwanda. Its mandate is to manage the income generating activities of UR in a cost-effective way. Their activities include clinical, dental, ophthalmology, imaging, and health & environmental related consultancies and research.

UR-HG LTD invites interested bidders to bid for the tender for **renovation works for the laboratory and sterilization room on behalf of UR-HG LTD;**

The tender document showing the specifications of works to be built may be obtained from 8:00 am to 5:00 pm on any working day at UR-HG LTD (ex-KHI building), Procurement office at University of Rwanda, Nyarugenge Campus, next to Marriott Kigali Hotel, P.O Box. 7575 Kigali, Tel: 0787084134 upon presentation of a proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000FRW) to the Account N° 100003754922 in the name of UR-HG Ltd operational account opened in Bank of Kigali (BK). This tender has been re-advertised, and bidders who submitted bids for the initial tender will not be required to repurchase the tender document. A no compulsory site visit is planned on 30th June, 2026 at 11:30 (contact Tel: 0787084134)

Well printed bids, properly bound and presented in four copies one of which is the original must reach to the address mentioned above not later than 2nd **July, 2026 at 12:00pm** and be deposited at the procurement office. Late bids will be rejected.

Bids will be opened in the presence of bidders or their representatives who choose to attend in the UR- HG LTD board room, on the **same day at 12:30 pm.** The validity of the offers shall be 90 days from the date of opening of bids. The Outer envelope should clearly indicate the tender number and title.

Done at Kigali, on 22/06/2026

**MUGESERA Narcisse**
**Chief Executive Officer /UR-HG LTD**

## ITANGAZO RY'ISOKO

INDATWA SACCO RUSIZI
Akarere ka Rusizi

### ITANGAZO RY'ISOKO RIFUNGUYE (OPEN TENDER NOTICE)

**INDATWA SACCO RUSIZI** irahamagarira ba rwiyemezamirimo bose babifitiye ubushobozi n'uburambe kuza gupiganira iri soko ( Open Tender market), hubahirizwa amategeko n'amabwiriza agenga amasoko .Iryo soko rigizwe n'ibice bitatu bikurikira:

1. **Kugabanya ibyumba (Partitioning works)**
2. **Kugemura ibikoresho byo mu biro (Office equipment supply)**
3. **Kugemura ibikoresho by'ikoranabuhanga (ICT equipment supply)**

Iri soko rigamije gukora imirimo n'itangwa ry'ibikoresho bikenewe ku cyicaro cya Indatwa SACCO Rusizi.

**Aho imirimo izakorerwa (Site location)**

Imirimo yose izakorerwa ku cyicaro cya **INDATWA SACCO RUSIZI**, giherereye mu **Kagari ka Kamashangi, Umurenge wa Kamembe,Akarere ka Rusizi.**

Aho ni na ho hazakorerwa **gusura site (site visit)** mbere yo gukora ipiganwa.

**Gusura site (Site visit)**

Gusura site bizatangira kuva **ku wa 20/06/2026 kugeza ku wa 30/06/2026**, mu masaha y'akazi.

Abifuza gupiganwa basabwa kubikora mu minsi n'amasaha y'akazi kandi hubahirizwa amabwiriza y'aho imirimo izakorerwa.

**Igitabo cy'amabwiriza y'ipiganwa (Tender documents)**

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kiboneka ku cyicaro cya Indatwa SACCO Rusizi nyuma yo kwishyura amafaranga y'igitabo angana na **10,000 Frw (adasubizwa)** akishyurwa kuri:

- **Konti No:** 4010201350710
- **Izina rya konti:** INDATWA SACCO RUSIZI
- **Banki:** EQUITY BANK

**Ibisabwa mu ipiganwa (Eligibility requirements)**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Abapiganwa basabwa gutanga ibi bikurikira:

- Ibaruwa yandikiwe President wa Board isaba isoko
- Icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete (RDB Registration Certificate)
- Icyemezo cya RRA kigaragaza ko nta musoro abereyemo (Tax Clearance Certificate)
- Ifishi y'ipiganwa yujujwe kandi isinywe (Bid Submission Form)
- Imbonerahamwe y'ibiciro (Price Schedule) yujujwe neza
- Inyandiko z'uburambe.
- TIN/VAT Certificate;
- RSSB Clearance Certificate ikiriho;
- Kopi y'indangamuntu y'uhagarariye ikigo cyangwa uburenganzira bwo kugihagararira.
- Urupapuro rwerekana ko yaguze igitabo cy'ipiganwa
- Icyemezo kerekana ko wasuye ahazakorerwa imirimo.

**Gutanga amabaruwa y'ipiganwa**

Amabaruwa apiganwa agomba gushyikirizwa ku cyicaro cya **INDATWA SACCO RUSIZI** mu Biro by'Ubuyobozi bw'Imari n'Ubutegetsi (Finance & Administration Office), mu minsi y'akazi :

- Kuva saa **tatu za mu gitondo (09:00)**
- Kugera saa **kumi n'imwe z'umugoroba (17:00)**

Gutanga amabaruwa bitangira kuva **ku wa 01/07/2026** kugeza **15/07/2026** saa tatu za mu gitondo.

**Gufungura amabaruwa (Bid opening)**

Gufungura amabaruwa bizakorerwa mu ruhame ku wa **15/07/2026 saa yine za mu gitondo (10:00 AM)** ku cyicaro cya Indatwa SACCO Rusizi.

**Igihe cyo gutegura ipiganwa**

Abapiganwa bafite **iminsi mirongo itatu (30)** yo gutegura amabaruwa yabo uhereye igihe iri tangazo ryasohokeye.

**Uburyo bwo kubona ibisobanuro (Clarifications)**

Mu gihe hari ibibazo cyangwa ibindi bisobanuro bikenewe, mwahamagara kuri izi nimero:

- **Head of Finance:** 0788 984 800
- **Managing Director (MD):** 0788 826 181
- **Chairperson of Board:** 0788 306 598

**Bikorewe i Rusizi tariki: 15/06/2026**

**NDIKUMANA Elisee**

**Perezida w'inama y'ubuyobozi bwa Indatwa Sacco Rusizi**

## ITANGAZO RY'ISOKO

NYAMATA TSS

EMAIL:etonyamata@yahoo.fr

TEL:0788557658/0788444212

**ITANGAZO**

Ubuyobozi bwa NYAMATA TSS bufatanyije n'Akanama gashinzwe amasoko baramenyesha abacuruzi n'abandi ba rwiyemezamirimo babyifuza ,bujuje ibyangombwa bisabwa mu ipiganwa kandi babifitiye ubushobozi ko bashaka gutanga amasoko agizwe na lot 5 mugihe cy'umwaka w'amashuri wa 2026/2027:

LOT1:Isoko ry'ibiribwa

LOT 2:Ibikoresho byo mu biro

LOT 3:Ibikoresho by'isuku

LOT4:Ibikoresho bya sport

LOT5:Isoko ryo gucunga umutekano

Abifuza gupiganira aya masoko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga iri piganwa mu biro by'Icungamutungo ,bikazafatwa n'ababikeneye guheraku wa 25/06/2026 nyuma yo kwishyura amafaranga **ibihumbi cumi (10,000Frws)** adasubizwa kuri LOT imwe,agomba gushyirwa kuri konti no **00062-00309938-79** yitwa **ETO NYAMATA** iri muri Banki ya Kigali(BK).

Amabahasha afunze neza arimo ibyangombwa bisabwa by'umwimerere cyangwa kopi eshatu ziriho Umukono wa noteri,imwe igomba kuba ari umwimerere bigomba kuba byagejejwe mu Bunyamabanga bw'Ishuri bitarenze tariki ya 27/07/2026 saa yine za mu gitondo,gufungura bibe kuri iwo munsi Saa tanu zuzuye.

Bikorewe I Nyamata,kuwa 22/06/2026

MURASANYI KAZIMOTO Edmond

Umuyobozi wa NYAMATA TSS

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**REPUBLIC OF RWANDA**

**WESTERN PROVINCE**
**RUBAVU DISTRICT**
**GISENYI SECTOR**

### ITANGAZO RYO KUGURISHA IMODOKA MU CYAMUNARA

Hashingiwe ku mwanzuro w'Inama njyanama y'Umurenge wa Gisenyi

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gisenyi, buramenyesha abantu bose babyifuza kandi bujuje ibisabwa ko buri guteza cyamunara imodoka yawo yo mu bwoko bwa **PICK-UP GREAT WALL/WINGLE5** ifite chassis nimero LGWDB3172JB620581 , Purake **RAD 168T**, yakozwe mu mwaka wa **2018**.

Abifuza gupiganira iyi modoka barasabwa kuzaba bagejeje ibiciro byabo mu mabahasha afunze neza yanditseho **"KUGURA IMODOKA MU CYAMUNARA" mu bunyamabanga bw'umurenge wa Gisenyi** bitarenze ku wa 10 Nyakanga 2026 saa yine za mu gitondo (10h00) ari na bwo amabahasha azafungurwa mu ruhame. Imodoka izegukanwa n'uwatanze igiciro kiri hejuru y'icy'abandi kandi ahite yishyura amafaranga yose kuri compte y'IMODOKA Y'UMUTEKANO N'ISUKU MU MURENGE WA GISENYI ifite nomero 035066 iri mu INGANJI SACCO RUBAVU, akaba ari na bwo hazatangira ibikorwa byo kuyimwandikaho (Mutation).

**Icyitonderwa:**

1. Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gisenyi bufite uburenganzira bwo kwanga igiciro kiri munsi y'agaciro k'imodoka cyatanzwe n'umugenagaciro .

2. Gusura iyi modoka biri kubera muri Parking y'Akarere ka Rubavu.

3. Ukeneye ibindi bisobanuro kuri iyi cyamunara yabaza kuri: +0788737170, cyangwa +250788787170

Murakoze.

**UWINEZA Francine**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gisenyi

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**CYAMUNARA RWANDA LTD**
Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI
www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA YA MOTO 50 ZA ESSANCE N'IZ'AMASHANYARAZI NZIZA ZA JALI FINACE.**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd**,sosiyete ya mbere mu Rwanda mu kugurisha hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro"**CYAMUNARA**",ibiherewe ububasha na sosiyete **JALI FINACE**, iramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko ku wa kane taliki **02/07/2026** saa satanu izagurisha mu cyamunara moto zitandukanye.

1. **Moto za essence z'amoko yose**
2. **Moto z'amashanyarazi z'amoko yose**

Cyamunara izabera mu ruhame muri parking ya Jali finance iruhande rwa station MERU munsi ya rondpoint ya sonatube ku KICUKIRO arnaho gusura bibera buri munsi.

**CYAMUNARA RWANDA Ltd IRIBUTSA ABAZITABIRA CYAMUNARA IBI BIKURIKIRA:**

- ✓ Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshwa gupiganwa mu magambo(**LIVE AUCTION**).
- ✓ Uguze moto yishyura ikiguzi cyose ako kanya.
- ✓ Uguze moto akorerwa mutation akokanya
- ✓ Uguze moto asabwa guhita ayitwara

Ukeneye ibindi bisobanuro cg kugurisha icyo aricyo cyosebyihuse,**Tel:0787334130/0788822147**

**Bikorewe I Kigali, kuwa 25/06/2026**

**NDEREYIMANA Mathias**
**Umuyobozi Mukuru**
**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

*your business partner of choice in assets valuation and auctioneering services* 1

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU REF N° 026-119301 CYO KUWA 19/05/2026 CYO KUGURISHA INGWATE MU CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO KU NSHURO YA KABIRI AZAGURISHA MU CYAMUNARA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UBUTAKA BUBARUYE KURI UPI 3/04/02/06/3920 UHEREREYE MU MUDUGUDU WA TERIMBERE, AKAGARI KA REGA, UMURENGE WA JENDA, AKARERE KA NYABIHU, INTARA Y'IBURENGERAZUBA;

UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA MU GIHE UMUTUNGO WABA UTABA UGUZWE KU NSHURO YA MBERE CYANGWA IYA KABIRI

| CYAMUNARA | UMUNSI N'UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 2 | IZATANGIRA KUWA 28/06/2026 IRANGIRE KUWA 05/07/2026 | SAA CYENDA (15H00) |
| INSHURO YA 3 ARI NA YO YA NYUMA | IZATANGIRA KUWA 07/07/2026 IRANGIRE KUWA 14/07/2026 | SAA CYENDA (15H00) |

-UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BWA 1,136 SQM
-AGACIRO K'UMUTUNGO NI 9,100,000 FRW
-GUSURA UMUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI

UWIFUZA GUPIGANWA MU KUGURA UWO MUTUNGO, ARASABWA GUTANGA INGWATE Y'IPIGANWA Y'AMAFARANGA Y'U RWANDA 455,000 FRW AHWANYE NA 5% Y'AGACIRO K'UMUTUNGO AKAYISHYURA KURI KONTI IGARAGARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA YA MINISITERI Y'UBUTABERA IRI MURI BANKI YA KIGALI (BK) HAKORESHEJWE URUBUTO PAY.

UWATSINDIYE UMUTUNGO MURI CYAMUNARA YISHYURA AMAFARANGA KURI KONTI N° 1116080796074 IFUNGUYE M' URWEGO FINANCE MU MAZINA YA HARELIMANA AUGUSTIN

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO BINYUZE KU RUBUGA RW'INYANDIKOMPESHA ARIRWO: www.iecms.gov.rw ARI NAHO MUSANGA IFOTO N'AGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO YA TELEFONE IKURIKIRA: 0785089957

BIKOREWE I KIGALI KUWA 26/06/2026

Me HARELIMANA AUGUSTIN
USHINZWE KUGURISHA INGWATE

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-137667 CYO KUWA 04/06/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 5/02/13/01/2244, IFITE UBUSO BUNGANA NA 80.420Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 59.470.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA RUKUNDO II, AKAGARI KA GACUNDEZI, UMURENGE WA RWIMIYAGA, AKARERE KA NYAGATARE MU NTARA Y'IBURASIRAZUBA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 08/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 15/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 2: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 17/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 24/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 26/07/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 02/08/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA KANDI BAKABANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA 2.973.500FRW AHWANYE NA 5% BY'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA KAVUZWE HARUGURU. AYO MAFARANGA AGASHYIRWA KURI KONTI YITWA AUCTION FUNDS MINIJUST IRI MURI BANKI YA KIGARI. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 100250096687 IRI MURI BK IKABA ARI KONTI Y'UBUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO YAFUNGURIWE KUNYUZWAHO AMAFARANGA Y'INYANDIKO MPESHA.

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA NYARUGENGE**
**IKIGO NDERABUZIMA CYA RUGARAMA**

**ITANGAZO RY'ISOKO No 001/HYG./RGMAHC/2026-2027**

Ikigo Nderabuzima cya Rugarama gihereréye mu Karere ka Nyarugenge, Umurenge wa Nyamirambo kiramenyesha ba Rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko kifuza gutanga isoko ryísuku nísukura rifite numero **001/HYG./RGMAHC/2026-2027**

Abifuza gupiganira iryo soko bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga iryo soko mu bunyamabanga rusange bw'Íkigo Nderabuzima cya Rugarama kuva ku itariki ya 26/06/2026 mu masaha yákazi kuva saa mbiri za mu gitondo kugeza saa kumi nímwe zúmugoroba bamaze kwishyura amafaranga Ibihumbi Icumi adasubizwa kuri Konti **No 040-00288888-55 AK.NYAR/CTRE DE SANTE RUGARAMA iri muri Banki ya Kigali (BK)**

Igikorwa cyo gusura isoko giteganyijwe ku itariki ya 03/07/2026 guhera saa tatu nígice (09h30) kugeza saa yine zuzuye (10H00).

Amabahasha afunze neza arimo ibitabo bitatu harimo kimwe cy'umwimerere(orginal) na copie ebyiri(2) agomba kuba yagejejwe ku kigonderabuzima cya Rugarama ku itariki ya 17/07/2026 bitarenze saa tanu za mugitondo (11H00) .

Amabahasha azafungurwa uwo munsi mu ruhame saa tanu n'igice(11h30)mu cyumba cy'Inama cy'Ikigo Nderabuzima cya Rugarama.

Bikorewe Ikigali kuwa 26/06/2026

**KANA Mujiji Sylvie**
Umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Rugarama

# Uko Igitaramo cya 'Summer Country Tour' i Bugesera cyagenze



**Bruce Melodie ni we wapfundikiye igitaramo cyari cyahuruje abafana benshi**



**The Ben yakiranwe urugwiro rwinshi aririmba izirimo Si beza, Indabo zanjye, Thank you n'izindi**

MICOMYIZA Fidele

***Igitaramo cya 'Summer Country Tour' gihuriramo abahanzi bakomeye barimo The Ben na Bruce Melodie cyari gitegerejwe n'abatari bake mu Karere ka Bugesera nyuma yo kunyura mu Karere ka Musanze ndetse na Nyagatare, cyashyize kiraba ndetse gikora no ku mitima yabakunzi b'umuziki Nyarwanda bari biganjemo urubyiruko.***

**Uko iki gitaramo cyagenze**

Mu gihe abahanzi bakuru bari bategerejwe ku rubyiniro, abafite impano bakizamuka cyane cyane abo mu Karere ka Bugesera bahawe umwanya maze barigaragaza bituma abantu barushaho kwiyumvamo ibi bitaramo kuko bitanga amahirwe ku bahanzi bakiri bato.

Mc Bertrand ni we watangiye asusurutsa abitabiriye, ndetse anatanga umwanya ku bahanzi barimo Magna Romeo uri kuzamuka neza mu muziki Nyarwanda.

Nyuma yaho yaje gufatirwa mu ngata na MC Brian na we utahatinze maze saa moya na 50 Mc Lucky Nzeyimana aba ageze ku rubyiniro, abitabiriye batangira kugira icyizere ko abahanzi bashobora kuba bageze hafi.

Uvanga w'imiziki Dj Wevy yakomeje gususurutsa abitabiriye icyo gitaramo mu ndirimbo zitandukanye zirimo iyitwa 'Haje Gushya' ya Kenny Sol, n'izindi.

Bigeze 20:15 itsinda ry'abacuranzi rya "The Target" bari bageze ku rubyiniro ritangira rigaragariza abitabiriye igitaramo impano zabo.

Nyuma y'igihe gito bahamaze bahise batanga umwanya maze uvanga imiziki si ukuyivanga karahava.

Ku isaha ya 20:59 ni bwo Umushyushya rugamba MC Lucky yari agarutse ku rubyiniro agarukana na The Target Band ari na yo yacurangiye abahanzi bataramye uyu munsi.

**Kitoko Bibarwa**

Saa 21:02 ni bwo Kitoko yakiriwe ku rubyiniro maze asusurutsa Abanyabugesera n'abandi bari bitabiriye icyo gitaramo mu ndirimbo "Rurabo".

21:06 yahise agarukana iyitwa "Agakecuru" imaze imyaka itari mike ariko ntibyayibuza guhagurutsa abitabiriye maze batangira kumva koko ko Kitoko yahageze.

21:10 yaserutse mu ndirimbo 'Urukundo ntirukonje.'

21:12 Kitoko yaje mu ndirimbo 'Akabuto' maze abitabiriye iki gitaramo bamufasha kuyiririmba.

Ubwo yageraga kuri "Sibyo" yakoranye na Meddy byabaye ibindi bindi.

Kitoko yavuze ko umwanya ari muto maze aririmba "Thank You Kagame" indirimbo yatuye Umukuru w'Igihugu amushimira imiyoborere myiza ndetse n'ibyo amaze kugeza ku Banyarwanda maze abafana na bo bamufasha kuyiririmba.

21:23 umushyushyarugamba Lucky yasanze Kitoko ku rubyiniro maze avuga uko amwubaha maze 21:25 igihe cye kiba kirarangiye.

**The Ben na we yeserutse**

21:37 ni bwo The Ben yari ageze ku rubyiniro agaragiwe na Mc Tinno, yinjiriye mu ndirimbo "Sibeza" yatunguranye cyane ndetse kuri iyi nshuro The Ben yinjiye abyina bitandukanye n'uko yitwaye i Musanze ndetse na Nyagatare.

21:51 yazamutse muri "Ndi uw'i Kigali" yakoranye na Meddy ndetse na K8 Kavuyo maze ab'i Bugesera bakomeza ku mushyigikira baririmbana na we ndetse hari n'aho yaririmbaga ati: "Ndi uw'i Nyamata", bikarushaho kubanezeza.

Yakomeje aririmba; izirimo "I'm in Love," "Lose Control", Indabo zanjye maze yibutsa abakunzi ba Bruce Melody ko igihe cyabo kitari cyagera ngo bajye impaka na we.

22:07 The Ben yakomereje kuri "Ntacyadutanya" yakoranye na Priscilla maze areka abakunzi be barabanza barayiririmba.

22:09 The Ben yongereye imbaraga ku rubyiniro mu ndirimbo "Plenty" yazamuye amarangamutima y'abakunzi be, yahise akurikizaho "Sikosa" yakoranye na Element Eleeh na Kevin Kade, "Why", "Ndaje", yasoreje kuri "Thank You" yakoranye na Tom Close, abafana barasimbuka karahava.

22:23 Mc Lucky yasanze The Ben ku rubyiniro maze asana abakunzi be kumwereka urukundo bazamura amaboko.

**Bruce Melody ni we wari utahiwe**

22:35 Bruce Melody yari ageze ku rubyiniro aho yinjiriye mu ndirimbo "Ndumiwe" imaze imyaka itari mike, abafana be bari bamaze amasaha atari make bamutegereje bitereye hejuru baririmbana na we.

Yakomereje ku zindi ndirimbo zirimo "Funga Macho", "Ikinya", "Akinyuma", "Saa Moya" na "Ndakwanga".

Yakomereje kuri "Fou De Toi" yakoranye na Element Eleeh, ndetse na Ross Kana, abakunzi be birengagiza ibyo kuba bananiwe ndetse n'icyagaragaraga ni uko amasaha ntacyo yari akibabwiye, yakomereje ku yitwa "Igitangaza" bakomeza kwizihirwa babyina ndetse banaririmbana na we.

Bigeze ku isaha ya 23:05 Bruce Melody yaririmbye "Munyakazi" indirimbo isobanura neza uko ari umukozi cyane byatumye anitwa Munyakazi, indirimbo yashimishije cyane abakunzi be ku buryo bugaragara.

Bruce yakomereje kuri "Bado" abafana bakomeza kuririmbana na we karahava. Ari na ko acishamo akababwira urwo abakunda, hari naho yageraga akababwira ati "Nyamata", bakamusubiza bati: "Ubahwa"

'Pom Pom' yayigezeho bihindura isura kuko abafana batangiye kuvuza akamo atari yatangira no kuririmba ahubwo bacyumva The Target, akimara gucuranga inanga yayo.

Nyuma ya 'Henzapu' yasorejeho, saa 23:22, MC Lucky yamusanze ku rubyiniro abwira abakunzi be kuzamura amatoroshi ya Telephone zabo nk'uburyo bugezweho bwo kwereka umuhanzi urukundo.

Iki gitaramo cyari gitegerejwemo na Bwiza watangaje ko yakoze Impanuka mu gihe yazaga aho cyaberaga.

Ni uko igitaramo cya Summer Country Tour cyaberaga mu Karere ka Bugesera cyashyizweho akadomo, aho ibi bitaramo byanyuze mu Karere ka Musanze ku wa 13 Kamena, Nyagatare 20 Kamena, ku wa 27 Kamana i Bugesera, bikaba bigiye gukomereza i Rubavu ku wa 4 Nyakanga ari na bwo bizasozwa.

# NBA Draft 2026: Nate Ament ukomoka mu Rwanda yerekeje muri Milwaukee Bucks




Nate Ament aheruka gusura u Rwanda, yakirwa na Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire



Nate Ament

SHEMA Ivan

*Nate Ament ufite nyina w'Umunyarwandakazi yatoranyijwe na Miami Heat ariko akomereza muri Milwaukee Bucks muri 'NBA Draft' za 2026.*

Ibi birori byatangiye mu rukerera rwo ku wa Gatatu, mu cyiciro cya mbere cyabereye muri Barclays Center i New York. Uyu mwaka zigizwe n'abakinnyi 60 bazatoranywa mu byiciro bibiri, aho icya nyuma kizaba mu rukerera rwo ku wa Kane.

Uku gutoranya "Draft", gukorwa n'amakipe yose yo muri NBA uko ari 30, aho buri imwe itoranya umukinnyi hagendewe ku mwanya yasorejeho muri shampiyona ishize.

Uyu mukinnyi w'imyaka 19 wakiniraga Kaminuza ya Tennesse, yatoranyijwe n'Ikipe ya Miami Heat muri iki cyiciro cya mbere ari uwa 13, atangwa muri Milwaukee Bucks.

Uyu mukinnyi uheruka mu Rwanda muri Kanama 2025 yaserutse yambaye ikoti ryanditsemo Visit Rwanda.

Nate Ament yakuriye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika ndetse yakiniye Ikipe y'Igihugu ya Amerika y'abatarengeje imyaka 18 mu mikino ya '2024 FIBA U-18 Americas Championship'.

Ament yagize umwaka mwiza w'imikino wa 2025/26, aho abarirwa gutsinda amanota 16,7, no gukora rebound esheshatu nibura kuri buri mukino.

Icyo gihe yakiniraga Ikipe ya Tennessee Basketball ibarizwa muri Shampiyona ya Kaminuza muri Amerika (NCAA), inazwiho kuzamura impano zikomeye muri Basketball.

Umukino yatsinzemo amanota menshi mu rugendo rwe rwo gukina ni uwo bahuyemo na Oklahoma agatsindamo amanota 29 ku wa 18 Gashyantare 2026.

Mu 2025 Nate Ament yashyizwe ku mwanya wa kane mu bakinnyi 100 beza bakiri bato muri Amerika.

# Rayon Sports yatangaje itariki y'Umunsi w'Igikundiro 2026




Kuri Rayon Sports Day, iyi kipe yerekana abakinnyi n'abatoza iba igiye gukoresha mu mwaka w'imikino mushya

SHEMA Ivan

*Ikipe ya Rayon Sports yatangaje ko Umunsi w'Igikundiro "Rayon Sports Day" muri uyu mwaka wa 2026 uteganyijwe ku wa Gatandatu, tariki ya 18 Nyakanga kuri Stade Amahoro.*

'Rayon Sports Day' ni umunsi uhuza abakunzi bayo, bakerekwa abakinnyi izakoresha mu mwaka mushya w'imikino ndetse ikanakina umukino wa gicuti.

Mu rwego rwo kwitegura neza umwaka w'imikino utaha wa 2026/27 Rayon Sports imaze gusinyisha abakinnyi bashya barimo Antonio Atisso Kodjo, Nizeyimana Mubaraka, Ndayishimiye Didier, Nshuti Didier, Nisingizwe Christian, Abbel Matumona, Charles Tchouplaou na Ndikumana Fabio. Ni mu gihe yatandukanye n'abarimo Youssou Diagne, Ramazani Tshimanga, Bayisenge Emery na Ntarindwa Aimable.

Iyi kipe yambarara ubururu n'umweru yasoreje ku mwanya wa kabiri mu makipe yo mu Rwanda mu mwaka ushize w'imikino, iritegura amarushanwa mpuzamahanga arimo CECAFA Kagame Cup rizabera mu Rwanda, ndetse na CAF Confederation Cup.

Mu mwaka ushize wa 2025, ubwo habaga uyu Munsi w'Igikundiro, Rayon Sports yatsinzwe na Yanga SC yo muri Tanzania ibitego 3-1 mu mukino wa gishuti wabereye kuri Stade Amahoro.



Abakunzi ba Rayon Sports bazahurira muri Stade Amahoro ku wa 18 Nyakanga

Imvaho Nshya
Siporo
Nº. E-65 TARIKI 23-29 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Niyonkuru na Nzayisenga begukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare ya 2026

**SHEMA Ivan**

***Niyonkuru Samuel mu bagabo na Nzayisenga Valentine mu bagore begukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare ya 2026 mu gusiganwa mu muhanda (Road Race).***

Kuri iki Cyumweru, tariki 28 Kamena 2026, ni bwo hakinwe umunsi wa kabiri w'iri rushanwa ritegurwa n'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY), nyuma yaho ku wa Gatandatu, Mwamikazi Jazilla mu bagore na Niyonkuru Samuel mu bagabo, bombi bahize abandi mu gusiganwa n'igihe buri muntu ku giti cye.

Abakinnyi barushanwe mu cyiciro cy'abagabo, cy'abatarengeje imyaka 23 na 'juniors' (ingimbi zitarengeje imyaka 19). Hari kandi n'icyiciro cy'abagore (abakuru n'abatarengeje imyaka 19).

Ku munsi wa kabiri w'iri siganwa, abakinnyi bahagurukiye muri Santere ya Batsinda, banyura i Shyorongi, kuri Base, i Gicumbi, mu Rukomo na Nyacyonga mbere yo gusoreza i Batsinda ku ntera y'ibilometero 158 mu cyiciro cy'abagabo n'abatarengeje imyaka 23.

Abagore n'ingimbi bakina intera y'ibilometero 115 byatangiriye ku Kirenge, banyura kuri Base, i Gicumbi, Rukomo na Nyacyonga mbere yo gusoreza i Batsinda.

Ni mu gihe abangavu bahagurukiye muri Santere ya Ibanda mu Karere ka Gicumbi bagasoreza i Batsinda basiganwa ibilometero 62.

Mu bagabo, Niyonkuru Samuel wa Team Amani yegukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare nyuma yo kugera i Batsinda ari imbere wenyine, akoresheje amasaha ane, iminota umunani n'amasegonda 30 yakurikiwe na Muhoza Eric na Nsengiyumva Shemu yarushije iminota 7 n'amasegonda 49.

Mu bagore, Nzayisenga Valentine yegukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare akoresheje amasaha atatu, iminota 19 n'amasegonda 21, yahigitse abarimo Ingabire Diane urifite inshuro eshatu yarushije iminota itatu n'amasegonda 20 na Nirere Xaverine yasize iminota itatu n'amasegonda 21.

Nzayisenga yaherukaga kwegukana umwambaro uriho ibendera ry'Igihugu mu 2019.

Mu ngimbi Byusa Pacifique ukinira Les Amis Sportifs ni we wegukanye Shampiyona y'Igihugu y'Amagare akoresheje amasaha abiri, iminota 57 n'amasegonda 58, ibihe anganya na Nkurikinyinka Jackson wabaye uwa kabiri mu gihe Shema Brain wasoreje ku mwanya wa gatatu arushwa iminota 7 n'amasegonda 28.

Mu bangavu hatsinze Akimana Donata wa Ngarama Sports Academy ahigitse Masengesho Yvonne, amutanga gukoza ipine mu murongo dore ko bombi bakoresheje amasaha abiri, iminota 7 n'isegonda rimwe mu gihe uwa gatatu yabaye Kanyange Zawadi warushijwe amasegonda 10.

Isiganwa nkiri mu mwaka ushize wa 2025, ryegukanywe na Nkundabera Eric 'Buravan' mu bagabo no mu batarengeje imyaka 23) na Ntirenganya Moïse mu ngimbi ni bo batwaye Shampiyona y'Igihugu mu 2025.

Mu bagore, abaherukaga gutsindira umwambaro uriho ibendera ry'Igihugu ni Mwamikazi Jazilla mu bakuru na Masengesho Yvonne mu bangavu.



Niyonkuru Samuel yishimira kwegukana Shampiyona y'Igihugu y'Amagare ya 2026


Nzayisenga yongeye kwegukana umwambaro uriho ibendera ry'Igihugu nyuma y'imyaka irindwi